COLLEGE OF EDUCATION

---

**KAMINUZA Y'U RWANDA**

**KOREJI Y'UBUREZI**

**ISHURI RY'UBUREZI**

**ISHAMI RY'INDIMI N'UBUMENYAMUNTU**

# URUHARE RW'IMIGANI MIGUFI MU KWIMAKAZA INDANGAGACIRO NA KIRAZIRA BY'UMUCO NYARWANDA MU MASHURI YISUMBUYE MU RWANDA: URUGERO RW'AMASHURI YO MU KARERE KA MUHANGA

**Yanditswe na: MISIGARO Théogène**

**Umubare ndanga: 220018139**

**INYANDIKO Y'UBUSHAKASHATSI YAKOZWE MU RWEGO RWO GUHESHA NYIYAYO IMPAMYABUMENYI Y'UBUZOBERE MU KINYARWANDA N'UBUREZI.**

Umuyobozi w'ubushakashatsi: **Dr. TWAGIRIMANA Innocent**

Kigali, Ukwakira 2024

## UBUHAMYA

Ngewe, MISIGARO Theogene, Umunyeshuri urangiza Ikiciro cya Gatatu muri Kaminuza y'u Rwanda (UR) Koreji y'Uburezi (CE), Ndahamya ko uyu murimo w'ubushakashatsi ufite umutwe ugira uti:' **'Uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye mu Rwanda: Urugero rw'amashuri yo mu Karere ka Muhanga''** ari umwimerere, nta yindi Kaminuza cyangwa Ishuri rikuru wakorewemo kuri ubu buryo. Ibiboneka muri uyu murimo byavuye ahandi byagiye bigaragarizwa ibitabo n'inyandiko byavomwemo. Ni yo mpamvu uyu murimo ari uwange bwite kandi wayobowe na

Dr. TWAGIRIMANA Innocent.

MISIGARO Theogene

Itariki: Ku wa 30 Nyakanga 2024

Umukono:

# IKEMEZO

Turemeza ko uyu murimo w'ubushakashatsi ufite umutwe ugira uti: **"Uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye mu Rwanda: Urugero rw'amashuri amwe yo mu Karere ka Muhanga"** wakozwe na MISIGARO Theogene twawuyoboye kandi tukaba dutanze uburenganzira bwo kuwohereza muri Koreji Nderabarezi mu ishami ribishinzwe kugira ngo umurikwe.

**Umuyobozi w'Ubushakashatsi**: Dr TWAGIRIMANA Innocent

Itariki: 31 Kanama 2024

Umukono;



Digitally signed by Innocent Twagirimana3
Date: 2024.09.01 11:10:34 +03'00'

# GUTURA

Uyu murimo w’ubushakashatsi tuwutuye:

Ababyeyi,

Abavandimwe,

Inshuti,

Mwishimire umusanzu wanyu mu itunganywa ry’uyu murimo.

## GUSHIMIRA

Ku ikubitiro turashimira Imana yabanye natwe ikaduha imbaraga, ikadushoboza muri iyi myaka yose tumaze twiga amasomo y'Ikiciro cya Gatatu cya Kaminuza.

Turashimira Kaminuza y'u Rwanda (UR) Koreji y'Uburezi (CE) n'abarezi bayo baduhaye ubumenyi n'ubushobozi ngombwa byari bikenewe kugira ngo turangize Ikiciro cya Gatatu cya Kaminuza mu Burezi n'Ikinyarwanda.

Turashimira by'umwihariko Dr. TWAGIRIMANA Innocent watuyoboye muri uyu murimo w'ubushakashatsi. Yatubaye bugufi kandi inama n'ibitekerezo bye byadufashije kunoza uyu murimo utari woroshye na gato.

Turashimira na none imiryango yacu yose, inshuti n'abavandimwe bitanze batizigamye mu myigire yacu, none tukaba twushije iki kivi.

Turasoza dushimira kandi abanyeshuri bose twiganye muri Kaminuza y'u Rwanda Koreji y'Uburezi, by'umwihariko abo twiganye mu mpuzo y'Uburezi n'Ikinyarwanda.Twasangiye ibitekerezo kuva mu ntangiriro kugeza ku musozo w'uyu murimo kandi ibitekerezo byabo byaradufashije mu kuwunoza.

Mwese Imana ibahe umugisha.

## IBIMENYETSO MPINE

**MINEPRISEC:** Ministère de l'Education Primaire et Secondaire

**MINISPOC:** Ministry of Sports and Culture.

**U R:** University of Rwanda.

**CE:** College of Education.

**REB:** Rwanda Basic Education Board.

**ECLPE:** Early Chidhood and Lower Primary Education.

**LE:** Languages Education.

**LFK:** Literature in English French and Kinyarwanda

**NIC:** National Itorero Commission

**NURC:** National Unity anda Reconciliation Commission.

**CHENO:** Chancellery of Heroes, National Orders and decoration of Honour.

**MIJESPOC:** Ministère da la Jeunesse Sport et Culture.

**SI:** Student's Information.

**TI**: Teacher's Information.

**CBC**: Competence Based Curriculum.

**NST 1**: National Sustainable for Transformation 1.

**Dr**: Doctor

# INSHAMAKE

Intego rusange y'ubu bushakashatsi ni ukugaragaza uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye mu Rwanda. Impamvu y'ubu bushakashatsi kwari ugufasha abarimu kwigisha indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda bifashishije imigani migufi nyuma yuko bigaragaye ko hari amwe mu mashuri yo mu Karere ka Muhanga atarayigishaga uko bikwiye. Muri ubu bushakashatsi hifashishijwe uburyo nyamimerere mu kubona amakuru avuye mu bakeshwamakuru ari bo abarimu n'abanyeshuri. Ibibazo byúbushakashatsi byateguwe hashingiwe ku byagaragajwe n'abandi bashakashatsi. Muri make, amahange ry'isesengurirambaga n'isesengurangingo yamfashije gutegura ibibazo by'ubushakashatsi no gusesengura amakuru y'ubushakashatsi. Ikusanyamakuru ryakorewe ku barimu n'abanyeshuri 39 bo mu bigo byatoranyijwe by'amashuri yo mu Karere ka Muhanga, asesengurwa hifashishijwe amahange yavuzwe haruguru. Isesenguramakuru ryagaragaje ko abarimu bamwe batigisha imigani migufi bagaragaza indangagaciro na kirazira ibumbatiye. Ubu bushakashatsi bwifuje ko abarimu bigisha Ikinyarwanda bategurirwa amahugurwa kandi bagashakirwa imfashanyigisho zihagije zabafasha kwigisha neza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda bashingiye ku migani migufi.

## ABSTRACT

This research aimed at demonstrating the role of proverbs to promote Rwandan values and taboos in secondary schools. The motivation of the research was to help teachers to teach Rwandan values and taboos based on proverbs after experiencing the weakness of some schools of Muhanga Disrtict to teach them as well. This research used qualitative method to collect data from teachers and students as targeted population. The research questions were prepared basing on the results from other researchers on the proverbs. Once, socio criticism and message based theories helped me to prepare research questions, to analyse and to interprete data. 39 teachers and students of secondary schoold of Muhanga District have been selected for data collection which were analysed and interpreted using the mentioned theories. Data analysis shown that some teachers don't teach proverbs as well focusing on Rwandan values and taboos incorporated. This research has recommended trainings for Kinyarwanda teachers and Kinyarwanda teaching materials as well to support teaching Rwandan values and taboos.

# ISHAKIRO

UBUHAMYA ..... i
GUTURA ..... iii
GUSHIMIRA ..... iv
IBIMENYETSO MPINE ..... v
INSHAMAKE ..... vi
ABSTRACT ..... vii
ISHAKIRO ..... viii
UMUTWE WA 1: INTANGIRIRO RUSANGE ..... 1
1.1 Umwinjizo ..... 1
1.2. Imiterere y'ikibazo ..... 2
1.3. Intego z'ubushakashatsi ..... 3
*1.3.1. Intego rusange* ..... 3
*1.3.2. Intego zihariye* ..... 3
1.4. Ibibazo by'ubushakashatsi ..... 3
1.5. Imbibi n'indundo by'ubu bushakashatsi. ..... 3
1.6. Akamaro k'ubu bushakashatsi. ..... 4
1.6.1. Akamaro ku bakoze ubushakashatsi ..... 4
1.6.2. Akamaro kuri Kaminuza y'u Rwanda ..... 4
1.6.3. Akamaro ku bashakashatsi n'abanditsi ..... 5
1.7. Imitwe igize uyu murimo w'ubushakashatsi ..... 5
UMUTWE WA KABIRI: ISESENGURA N'IJORA RY'UBUSHAKASHATSI BWAKOZWE KU MIGANI MIGUFI. ..... 6
2.1. Inshamake y'ubushakashatsi bwakozwe ku migani migufi ..... 6
2.2. Kugaragaza icyuho mu bushakashatsi bwakozwe ku migani migufi ..... 10
2.3. Uburyo bwo kuziba icyuho cyangwa gukosora inenge yagaragaye ..... 11
2.4. Ikerekezo nyanshoza cy'ubushakashatsi (Conceptual framework) ..... 12
2.5. Amahange yakoreshejwe. ..... 13
2.5.1. Isesengurirambaga ..... 13

2.5.2. Isesengurangingo ............................................................................................ 15
2.6. Akamaro k'ubu bushakashatsi. .................................................................................. 15
2.6.1. Akamaro ku bakoze ubushakashatsi ........................................................................ 16
2.6.2. Akamaro kuri Kaminuza y'u Rwanda ...................................................................... 16
2.6.3. Akamaro ku bashakashatsi n'abanditsi ................................................................... 16
UMUTWE WA GATATU: IYOBORAMIKORERE RY'UBUSHAKASHATSI ..................... 17
3.1. Umwinjizo................................................................................................................ 17
3.2. Ikerekezo cy'ubu bushakashatsi (Research approach) .................................................. 17
3.3. Itsinda nkeshwamakuru ............................................................................................ 18
3.4. Uburyo bwo gutoranya itsinda nkeshwamakuru............................................................ 18
3.5 Ibikoresho byifashishijwe mu ikusanyamakuru............................................................... 19
3.6. Amahame ngengamyitwarire mu Bushakashatsi (Research Ethics)................................. 19
3.7. Ikusanyamakuru n'isesenguramakuru ......................................................................... 20
3.7.1. Ikusanyamakuru (data collection)............................................................................ 20
3.7.2. Isesenguramakuru (data analysis) ........................................................................... 21
UMUTWE WA KANE: ISESENGURA RICUKUMBUYE RY'IMIGANI MIGUFI............... 22
4.1. Ibisobanuro by'amagambo nyobozi.............................................................................. 22
4.1.1. Imigani migufi ......................................................................................................... 22
4.1.2. Indangagaciro........................................................................................................... 22
4.1.3. Kirazira ................................................................................................................... 23
4.1.4. Umuco...................................................................................................................... 24
4.2. Isesengura ry'imigani yigisha indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda............... 25
4.2.1. Umwinjizo................................................................................................................ 25
4.2.2. Imigani yigisha indangagaciro z'umuco nyarwanda ................................................ 25
4.2.3. Imigani yigisha kirazira z'umuco nyarwanda........................................................... 33
4.3. Akamaro ko kwiga imigani migufi mu mashuri yisumbuye mu Rwanda. ....................... 38
4.4. Uburyo abarimu bigisha imigani migufi bayihuza n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. ....................................................................................................................... 39
4.5. Imbogamizi zigaragara mu kwiga no kwigisha imigani migufi mu mashuri yisumbuye. . 41
4.5.1. Imbogamizi ku banyeshuri......................................................................................... 41

4.5.2. Imbogamizi ku barimu ........ 41
4.6. Uburyo imbogamizi mu kwiga no kwigisha imigani migufi zakemuka ........ 42
UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO RUSANGE N'IBYIFUZO ........ 43
5.1. Umusaruro w'ubushakashatsi ........ 43
5.2. Ibyifuzo ........ 44
5.2.1. Ibyifuzo ku babyeyi n'abarezi ........ 44
5.2.2. Ibyifuzo ku buyobozi bw'ibigo by'amashuri ........ 44
5.2.3. Ibyifuzo kuri Kaminuza y'u Rwanda ........ 44
5.2.4. Ibyifuzo ku Kigo k'Igihugu Gishinzwe Uburezi bw'Ibanze ........ 45
5.2.5. Ibyifuzo kuri Minisiteri y'Uburezi ........ 45
INDANGASOKO ........ 46
IMIGEREKA ........ 48
Umugereka wa mbere: Research ethical clearance for the study ........ 48
Umugereka wa kabiri: Research recommendation letter for the study ........ 49
Umugereka wa gatatu: Ibaruwa isaba gukora ubushakashatsi ........ 50
Umugereka wa kane: Ibaruwa yemerera gukora ubushakashatsi ........ 51
Umugereka wa gatanu: Informed consent: Part I: Participant' Information Sheet ........ 52
Umugereka wa 6: INFORMED CONSENT: Part II: Consent Form ........ 53
Umugereka wa karindwi: Ibibazo by'ubushakashatsi bigenewe abarimu bigisha ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, amashami y'indimi. (survey questionnaire) .... 54
Umugereka wa munani: IBIBAZO BY'UBUSHAKASHATSI BIGENEWE ABANYESHURI BIGA IKINYARWANDA NK'ISOMO RY'INGENZI. ........ lv

# UMUTWE WA 1: INTANGIRIRO RUSANGE

## 1.1 Umwinjizo

Abanyarwanda baranzwe no guhanga ibihangano binyuranye byuje ubugeni n'ubuhanga, bakabikora bagamije kwigisha, kwidagadura no gukomeza umuco gakondo. Bimwe muri ibyo bihangano ni imigani migufi bita na none imigani y'imigenurano cyangwa imigenurano.

Imigani migufi ni umurage gakondo ububumbatiye ubumenyi n'inyigisho zinyuranye ku bato n'abakuru, abariho n'abazavuka. Kikaba ari ikigega nyigisho gitoza Abanyarwanda indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Gucengera iyo ngeri y'ubuvanganzo kandi bidufasha kwigisha neza ururimi rw'Ikinyarwanda dushingiye ku murage nyamvugo w'Abakurambere kuko uretse ingingo nyigisho imigani migufi ibumbatiye, inakoresha imvugo ikurura. Ni ukuvuga imvugo inoze, ishushanya kandi iryoheye amatwi, bigafasha abenshi kuyifata mu mutwe byihuse bigatuma bahora bifuza kuyisobanukirwa, bityo ibyo bisobanuro byayo bikababafasha mu kwimakaza indangagaciro bigana ikiza no kwirinda gukora ikibi mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Gusa na none hari bamwe mu Banyarwanda bafata imigani migufi nk'isoko y'iyigandangagaciro gusa, bagera ku gice k'imigani ifubitse ikibi bakayitesha agaciro ndetse hakaba n'abashaka ko yakurwa mu murage gakondo kuko nta nyigisho nziza itanga kandi yashingirwaho iyigandekakibi ari zo kirazira z'umuco nyarwanda. Mu rwego rw'Uburezi, imigani migufi ni kamwe mu turango tw'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda twigishwa mu byiciro binyuranye by'amashuri, yaba abanza, ayisumbuye, amakuru na za Kaminuza.

Tugendeye kuri Poritiki ya Leta yo kuzahura, gutoza no kwimakaza indangagaciro na Kirazira by'umuco nyarwanda mu byiciro binyuranye by'inzego z'imirimo no mu mashuri by'umwihariko, twahisemo gukora ubushakashatsi ku migani migufi, tugamije kugaragaza uruhare rwayo mu kwimakaza indangagacirona na kirazira by'umuco nyarwanda ndetse n'uko yigishwa mu mashuri yisumbuye mu Rwanda.

Muri ubu bushakashatsi, twakoresheje imigani migufi cyangwa imigani y'imigenurano tugamije kumvikanisha ikintu kimwe, ari cyo: imwe mu ngeri y'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda ikubiyemo uturango twinshi tw'umuco wacu nk'uburezi n'uburere, imibanire, uko twumva isi n'ibiyiriho cyangwa ibitubaho n'ibindi. Imigani migufi nyarwanda kandi igaragaza ubuhanga bw'Abanyarwanda mu kwigisha kureka ikibi (kirazira) no kwizirika ku kiza (indangagaciro) binyuze mu mvugo itsitse kandi ibangutse (ngufi).

## 1.2. Imiterere y'ikibazo

Muri iki gihe, Dushingiye ku biganiro mpaka n'imbwirwaruhame zinyuranye bitangwa imbonankubone, cyangwa ku buryo buziguye hakoreshejwe radiyo na tereviziyo, Dushingiye kandi ku biganiro bigendanye n'imibanire isanzwe y'Abanyarwanda, biragaragara ko gukoresha imigani migufi mu kwigisha Abanyarwanda bigenda bikendera. Bamwe mu rubyiruko kandi bitewe n'imyumvire idahwitse cyangwa inyungu runaka, bagerageza guhindura umwimerere n'inyigisho z'imwe mu migani migufi, ugasanga bagira bati; Urukwavu rukuze bararurya'' kandi Abakurambere barusigasira, aho bagira bati:'Urukwavu rukuze rwonka abana''. Ibyo bikagaragaza ko icyari indangagaciro yo guherekeza no gufasha abageze mu za bukuru iteshejwe agaciro igasimbuzwa no kuba ba nyamwigendaho no gufata abakuze nk'umuzigo. Ibi bikerekana ko urubyiruko rukuriye muri iyi myumvire rudashobora kugeza Igihugu ku iterambere rirambye. Dushingiye kandi ku miterere y'imyandiko itandukanye yigishwa mu mashuri yisumbuye mu isomo ry'Ikinyarwanda cyanecyane mu kiciro cya kabiri, amashami y'indimi, mu nyigisho rusange no mu Mashuri Nderabarezi (Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa 4,5,6) twasanze imyandiko myinshi itagaragaramo imigani migufi nk'uturango nyigisho, tugufi, twuje ikeshamvugo mu kwigisha neza Ururimi rw'Ikinyarwanda. Ni muri urwo rwego, twakoze ubushakashatsi bwari bugamije kugaragaza uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye yo mu Rwanda. Iyi nyigo yagaragaje zimwe mu ndangagaciro remezo zatozwa urubyiruko binyuze mu migani migufi ndetse na za kirazira (imyifatire ndekakibi) zakwigirwa ku migani migufi. Ubu bushakashatsi kandi bwagaragaje uburyo butandukanye abarimu bo mu mashuri yisumbuye bakoresha mu kwigisha imigani migufi hagamijwe kuyigiraho indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

## 1.3. Intego z'ubushakashatsi

### *1.3.1. Intego rusange*

Intego rusange y''ubushakashatsi bwacu yari ukugaragaza uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye mu Rwanda.

### *1.3.2. Intego zihariye*

Intego zihariye z'ubu bushakashatsi zari izi zikurikira:

- Kwerekana imigani migufi yigisha indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda yigishwa mu mashuri yisumbuye mu Rwanda.
- Gusobanura akamaro ko kwigisha imigani migufi mu mashuri yisumbuye mu Rwanda.
- Gusobanura uburyo bukoreshwa mu kwiga no kwigisha imigani migufi mu mashuri yisumbuye mu Rwanda.

## 1.4. Ibibazo by'ubushakashatsi

Ubushakashatsi bwacu bwagerageje gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Erekana imigani migufi yigisha indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda yigishwa mu mashuri yisumbuye mu Rwanda.
2. Sobanura akamaro ko kwigisha imigani migufi mu mashuri yisumbuye mu Rwanda.
3. Ni ubuhe buryo bukoreshwa mu kwigisha imigani migufi mu mashuri yisumbuye mu Rwanda?

## 1.5. Imbibi n'indundo by'ubu bushakashatsi.

Umurimo w'ubushakashatsi uwo ari wo wose, ugira aho utangirira n'aho ugarukira. Ibi biterwa n'uko udashobora kwiga ibintu byose icyarimwe ngo ubicukumbure uko byakabaye kandi ubyigire ahantu hose. Kubera iyo mpamvu, habaho imbibi z'ubushakashatsi.

Mu kugaragaza uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye yo mu Rwanda, twacukumbuye imigani igaragara mu bitabo by'Ikinyarwanda by'inyigisho rusange n'inyigisho mbonezamwuga, amashami y'indimi, bijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi, yatangiye gushyirwa mu ngiro kuva mu mwaka wa 2015. Ubushakashatsi bwacu kandi twabukoreye mu Mashuri Nderabarezi ndetse

n'ay'Uburezi rusange.  Mu gusesengura imigani migufi, twihaye indundo y'imigani mirongo itatu (30) harimo imigani cumi n'itanu (15) ibumbatiye ikiza (indangagaciro) n'indi cumi n'itanu (15) ibumbatiye ikibi, ikaba yashingirwaho imyitwarire ndekakibi (kirazira).

## 1.6. Akamaro k'ubu bushakashatsi.

Ubushakashatsi ubwo ari bwo bwose bugamije gucukumbura insanganyamatsiko runaka, bugashima ibyiza bikorwa, bukagaragaza ikibazo mu mizi yacyo n'ingamba zafasha mu kugikemura. Ni muri urwo rwego twakoze ubushakashatsi ku ruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye yo mu Rwanda.

### *1.6.1. Akamaro ku bakoze ubushakashatsi*

Ubu bushakashatsi bwatwubatsemo umuco wo gusoma, gusesengura no kujora imirimo y'ubushakashatsi yakozwe n'abandi ku migani migufi, ibi bikaba byaratwunguye ubumenyi butandukanye. Nyuma yo kubumurika bukemerwa, buzaduhesha impamyabumenyi y'Ikiciro cya Gatatu cya Kaminuza mu Burezi n'Ikinyarwanda.Ibyo bizatwubakamo ikizere n'umuhate mu gukora ubundi bushakashatsi ku bintu bitandukanye buzafasha mu gukomeza guteza imbere ururimi n'umuco by'Igihugu cyacu.

### *1.6.2. Akamaro kuri Kaminuza y'u Rwanda*

Ntidushidikanya ko ubushakashatsi bwacu buzakungahaza isomero rya Kaminuza y'u Rwanda kuko buziyongera ku bw'abatubanjirije, bityo abarigana bakeneye inyigo icukumbuye ku migani migufi bakazabona icyo bifashisha.

Ku barimu n'abanyeshuri ba Kaminuza y'u Rwanda, ubu bushakashatsi buzababera ivomo mu masomo y'ubuvanganzo nyarwanda ku byerekeye uruhare rw'imigani migufi mu gukungahaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda nk'uko Leta y'u Rwanda ibyifuza muri gahunda yayo igamije iterambere rirambye NST1. (2017-2024) aho igaragaza ko Igihugu gishishikajwe no guteza imbere umuco nyarwanda n'indangagaciro nk'umusingi w'Ubumwe n'Ubwiyunge. Ibyo bikazagerwaho binyuze mu kwigisha neza Ikinyarwanda n'indangagaciro nyarwanda mu muryango, mu mashuri no mu rubyiruko.

### *1.6.3. Akamaro ku bashakashatsi n'abanditsi*

Ubushakashatsi bwacu ntibwari bugamije kuvuguruza cyangwa gusenya ubwabubanjirije, ahubwo twabukoze dutekereza gutanga umusanzu w'ubwuzuzanye mu kugaragaza imigani migufi nk'ishingiro ry'iyigandangagaciro n'iyigandekakibi mu myigire n'imyigishirize mu mashuri. Bukaba rero bwarakungahaje umurage w'ubundi bushakashatsi bwakozwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ku Kinyarwanda, nk'ururimi Abanyarwanda benshi bisanzuramo. Abandi bashakashatsi n'abanditsi rero bashobora kuzabwifashisha nk'ivomo mu bundi bushakashatsi buzakurikira ku migani migufi.

## 1.7. Imitwe igize uyu murimo w'ubushakashatsi

Uyu murimo w'ubushakashatsi ugizwe n'imitwe itanu y'ingenzi. Umutwe wa mbere ugizwe n'intangiriro rusange". Muri uwo mutwe, twagaragajemo umwinjizo w'ubushakashatsi, imiterere y'ikibazo, intego z'ubushakashatsi, by'ubushakashatsi, imbibi n'indundo by'ubushakashatsi, akamaro k'ubushakashatsi n'imitwe y'ingenzi yari igize uyu murimo.

Mu mutwe wa kabiri twagaragajemo inshamake ya bumwe mu bushakashatsi bwakozwe ku migani migufi, bunaduha amakuru yatumye tudasubira mu byakozwe, ahubwo tuyashingiraho mu kugaragaza icyuho no mu gutanga umusanzu wacu mu kuziba icyo cyuho.

Umutwe wa gatatu ugizwe n'iyoboramikorere ry'ubushakashatsi: Muri uwo mutwe twagaragajemo ikerekezo cy'ubushakashatsi, itsinda nkeshwamakuru n'uburyo ryatoranyijwe, ibikoresho by'ubushakashatsi, ikusanyamakuru n'isesenguramakuru. Naho umutwe wa kane ni isesengura ricukumbuye ry'imigani migufi. uyu mutwe ugizwe n'uduce dutanu ari two: ibisobanuro by'amagambo nyobozi, isesengura ry'imigani yigisha indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, akamaro ko kwiga imigani migufi mu mashuri, uburyo abarimu bigisha imigani migufi bay ihuza n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, imbogamizi zigaragara mu kwiga no kwigisha imigani migufi mu mashuri n'uburyo izo mbogamizi zakemuka. Umutwe wa gatanu ni umwanzuro rusange ugizwe n'inshamake y'ubushakashatsi ndetse n'ibyifuzo by'umushakashatsi.

# UMUTWE WA KABIRI: ISESENGURA N'IJORA RY'UBUNDI BUSHAKASHATSI BWAKOZWE KU MIGANI MIGUFI

## 2.1. Inshamake y'ubushakashatsi bwakozwe ku migani migufi

Imigani migufi nk'imwe mu ngeri y'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda, ni ibihangano byakozweho ubushakashatsi kuva kera. Gusa abashakashatsi benshi ku ikubitiro bakoze umurimo wo kuyikusanya, kuyandika no kuyisobanura. Ikigaragara mu myaka ya mbere y'ubwanditsi mu Rwanda nta bushakashatsi bufatika bwigeze bukorwa ku isesengura ricukumbuye ry'imigani migufi.

Bamwe mu bashakashatsi bakoze itonde ry'imigani migufi n'ibisobanuro byayo twavuga nka Pages (1948), Pauwels (1953), Kagame (1953), Bigirumwami (1969) n'abandi. Abo bose bayitondekaga bakurikije inyuguti ziyitangira. Nibura Coupez ni we wagerageje kuyitondeka akurikije ikivugwamo nk'ivuga ku nyamaswa ikajya ukwayo, ivuga ku mugore cyangwa umugabo na yo ikajya ukwayo, n'ibindi.

Umwe mu bashakashatsi b'u Rwanda ku buvanganzo nyarwanda nyemvugo, Mwarimu Nkusi Laurent (1976) mu nyandiko ye yari igamije kumuhesha impamyabushobozi y'ikirenga isoza ikiciro cya gatatu cya Kaminuza, yatanze umusanzu ukomeye mu gusesengura imigani migufi. Iyo nyandiko yanditse mu rurimi rw'Igifaransa, umutwe w'iyo nyandiko mu Kinyarwanda ukaba ugira uti: "Imigani nyarwanda, ikerekezo mbandankomoko''.

Uyu mushakashatsi w'inararibonye mu buvanganzo nyarwanda atangira yibaza ku cyo twakwita umugani w'umugenurano ugereranije n'izindi ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda bijya kwitiranwa nk'imigani miremire. Ibyo yabitewe n'uko mu migani migufi no mu migani miremire, ijambo nyobozi (key word) ari umugani. Kuri we asanga''iryo jambo ryigumyemo cyane''**,** cyangwa ''akabona ko rivuga byinshi mu Kinyarwanda ku buryo hatabayemo ubushishozi havukamo ikibazo cyo kumvikanisha ikindi utashatse kuvuga''.

Mu ntangiriro y'inyandiko ye, avuga ko Padiri Kagame asobanura neza inkomoko n'icyo imigenurano igamije.

Iyo usomye neza inyandiko yose y'uyu mushakashatsi n'ingero atanga usanga imigani y'imigenurano atayitandukanya n'inshoberamahanga. Ahamya ndetse ko n'abandi bashakashatsi bamuboneye izuba batigeze bashobora kubitandukanya neza. Atanga urugero rw'umwanditsi Rodégueme, afatiye ku isesengura ry'igitabo ke kitwa *Sagesse du Kirundi* (1961), aho na we yibaza ku gisobanuro n'ibigomba kuranga umugani w'umugenurano. Ngo uwo mwanditsi avuga ko imigani y'imigenurano irangwa n'ibi bikurikira:

"imigenurano kugira ngo igire umwimerere igomba kurangwa n'ibi bikurikira: ni imvugo ya rubanda, ni ukuri gushushanya ibyabaye, rimwe na rimwe igizwe n'imvugo ipimye, akenshi iryohereye, ibumbatiye umukino w'amagambo buri gihe afite injyana, muri rusange ikoresha imvugo ijimije."

Nkusi, mbere yo gutanga igisobanuro ke cy'umugani w'umugenurano n'ibiwuranga avuga ko "ibirango bitangwa na Rodéguème byuzuyemo ukwiyizera kudahagije no guhuzagurika bitewe ahari n'uko icyo asobanura na cyo ubwacyo kigoye. Nyuma yo gutanga ingero nyinshi z'imigani y'imigenurano, kuyisobanura no kugaragaza ibyo bamwe mu bashakashati bayivuzeho, mu mutwe wa gatatu w'inyandiko ye ni ho na we atanga igitekerezo ke cy'uko imigani y'imigenurano igomba kumvikana n'ibigomba kuyiranga. Agira ati**:** "imigenurano igaragara mbere na mbere nk'imvugo yihagije mu nshamake. Ayo magambo atugaragarira nk'ava ku itegeko ryatanzwe kera rikaba rikiriho kandi rikwiye gukurikizwa no kubahirizwa"

Aho umurimo w'ubushakashatsi wa Nkusi ubera ingenzi ni uko usibye kurondora imigenurano myinshi no kuyisobanura, anavuga muri make ku ntego (forme) yayo muri rusange mu mutwe wa kabiri w'igitabo ke witwa **"Recherches formelles sur les proverbes".** Muri icyo gice avuga muri make ku ikeshamvugo ry'imigenurano aho atanga ingero z'iminozo ikunze gukoreshwa mu migenurano.

Nkusi nanone agaragaza ko imigenurano ivoma mu buzima bw'Abanyarwanda bwa buri munsi, bityo ikanabigisha uko bakwiye kubwitwaramo ngo bubanogere.Yerekana ko imigenurano ifitanye isano n'amateka y'Abanyarwanda (Haguma umwami ingoma irabazwa, p95; Uko zivuze ni ko zitambirwa, p97); igaragaza isano n'imibereho y'abantu, nk'imibereho n'imiterere

y'umuryango: (Ukwibyara gutera ababyeyi ineza, kubyara ni ugusubiza ingobyi imugongo, p99); igaragaza umwete abantu bakwiye kugira mu byo bashaka kugeraho (Ushaka inka aryama nka zo p104); ukuntu abantu ari magirirane; (Inkingi imwe ntigera inzu, p104); imigenurano ivuga ku isano y'abantu n'abo bakomokaho, agaciro k'abakuru n'uburyo bagomba kubahwa, (Irya mukuru riratinda ntirihera, p110).

Mu kumara amatsiko abantu no kubakura mu rwikekwe rudashira, iyi nararibonye mu buvanganzo nyarwanda yerekana, mu gice cya kane cy'ubushakashatsi bwe, itandukaniro n'isano ya bugufi cyane iri hagati y'imigenurano n'izindi nteko z'ubuvanganzo nyemvugo bwa rubanda, dore ko hari ibyo abenshi, yemwe n'abashakashatsi banditse izina bitiranya. Muri icyo gice yise imigenurano n'ibisa na yo agaragaza ko abenshi cyangwa bamwe na bamwe bashyira ibisakuzo (devinettes) n'iyigamazina (onomastique) mu migani y'imigenurano.

Ku bijyanye n'ibisakuzo yemeza ko kubera kwegerana cyane hari abashakashatsi barimo Musenyeri Bigirumwami mu gitabo yise "Imigani migufi ivugwa ku ngoma" (1976) babishyiraga mu rwego rw'imigani y'imigenurano kubera ko byombi bikoresha iminozo imwe, bikaba binifashisha uburyo bumwe. Abivuga muri aya magambo:

Naho mu gutandukana kwabyo akagira ati: "Ntawahakana ko ibisakuzo n'imigenurano bitandukanye, uretse ko kuba ibintu bitandukanye bitavuga ko bidafitanye isano''.

Naho ku bijyanye n'iyigamazina, Nkusi yemeza ko ''ubuvanganzo nyarwanda aho buva bukagera buhurira ku mazina bwite, ari yo mpamvu, imigenurano na yo nk'imwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda na yo bifitanye isano ya hafi''. Umutwe wa nyuma w'ubushakashatsi bwa Laurent Nkusi witwa "**Symbolique des proverbes"** wita ku gushakisha ukanagira inama abantu aho agira ati: "Abantu bagomba kumenya gukoresha ijambo rinoze kandi rijyana n'icyo ushaka, ukeneye kuko ari byo bituma ukemererwa''

Muri make, inyandiko y'iyi nararibonye mu buvanganzo nyarwanda tuyitinzeho kubera impamvu nyinshi. Iy'ingenzi ni uko ari we wabashije gusesengura imigani myinshi muri iyo nyandiko akoresheje uburyo butandukanye. Itandukaniro ry'umurimo we n'uwacu, rishingiye ko, we mu

gihe yagendaga asesengura imigani myinshi idafite icyo ihuriyeho, mu murimo wacu ho, ku ruhande rumwe, twihaye indundo y'imigani migufi yigisha ikiza dushingiye ko igaragara mu mfashanyigisho z'ibitabo bikoreshwa mu mashuri, mu kuyisesengura tugenda tugaragaza ko yakwigirwaho igandangagaciro kandi turanazigaragaza. Ku rundi ruhande twasesenguye imigani migufi yumvikanamo ingingo y'ikibi, tugaragaza ko ishobora kwigirwaho iyigandekakibi (kirazira z'umuco nyarwanda) mu myigire n'imyigishirize mu mashuri ndetse turanazigaragaza. Mu gusesengura iyo migani ku mpu zombi, twakoresheje uburyo bw'ingenzi bw'isesengura ari bwo isesengurirambaga n'isesengurangingo; mu gihe we yakoresheje na none uburyo bwinshi butandukanye mu isesengura rye. Isesengura ryacu rifatira ku ndundo igizwe n'imigani migufi mirongon itatu, harimo cumi n'itanu yigisha indangagaciro nyarwanda n'indi cumi n'itanu yigisha kirazira z'umuco nyarwanda.

Umwanditsi Bizimana Simoni (2002) avuga ko ururimi rw'Ikinyarwanda rufubitse ubuhanga bukubiye mu migani y'imigenurano. Kuri we, imigani y'imigenurano igaragaza umuco nyarwanda kuko yuje impanuro z'abakuru. Yongeraho ariko ko n'ubwo dukunda gukoresha imigenurano, ko nta bantu bazwi bayihimbye, nta n'igihe kizwi yahimbiwe, ko gusa ikunda gukoreshwa mu Kinyarwanda.

Ku bw'uyu mushakashatsi, umugani w'umugenurano ni: "Interuro ngufi yifitemo ingingo ivuga ibintu ku buryo bufubitse, ubwiwe akabyumva ahereye ku cyo uwuciye arenguriraho, yaba adasanzwe awuzi cyangwa atumvise icyo kintu ukamuyobera. Ufatira ku bintu byo mu muco gakondo no mu mico y'ibyaduka, ikintu cyabaye ku bantu cyangwa ku kintu, icyo umuntu yabonye ikigereranyo cyangwa igitekerezo. Ufatira kandi ku kuri gusanzwe. Umugani urigisha, urahanura ugahana, ujya inama n'ibindi'' (2002: 52).

Umuhanga Crepeau (1985) ku ruhande rwe, asobanura ko umugenurano wibanda cyane ku mwanya ufite mu banyarwanda ndetse no mu bihe ukoreshwamo:

Ugenekereje mu Kinyarwanda aragira ati:" Umugenurano uhitamo umwanya ufata. Nta ngeri n'imwe y'ubuzima udakoraho. Intego yawo ni ukugeza kuri bose ubuzima bw'abandi no gukora

ku buryo buri wese abaho nka bo mu mibereho ya buri munsi (...) Ukuri iyo migenurano yemeza,ibibi yamagana,imyitwarire yigisha bifasha bose mu bihe byose. "

Ahamya ko imigenurano mu Rwanda tuyikoresha cyane mu rurimi rwacu. Ikaba ifite uruhare rukomeye mu guteza imbere umuco kubera impanuro ibumbatiye. Yongeraho kandi ko, nubwo imigenurano yigisha usanga inafite umwihariko wo kuba iryoshya imvugo. Kubera ko iba ishingiye ku ishushanya. Biragora kumva igisobanuro cyayo, iyo udasanzwe uzi neza Ikinyarwanda. Abakiri bato na bo birababagora kuyumva, kuko baba bakeneye ibisobanuro byayo.

Kimwe n'abandi bashakashatsi twavuze hejuru, Umuhanga Crepeau avuga ko imigenurano yifitemo ubuhanga buhanitse ku buryo ubuzima bw'Abanyarwanda ubusangamo; kubera ibyo rero, twavuga aka wa mwanditsi w'umufaransa Stendhal ko imigenurano mu Rwanda ari indorerwamo y'ubuzima bw'Abanyarwanda.

## 2.2. Kugaragaza icyuho mu bushakashatsi bwakozwe ku migani migufi

Nk’uko tumaze kubibona, ubushakashatsi bwinshi bwakozwe ku migani migufi bwibanze cyane ku kuyikusanya no kuyisobanura muri rusange. Abashakashatsi bake ni bo bagerageje kuyinjiramo barayisesengura, banagaragaza umwanya wayo mu rubumbambaga yahangiwemo n’urwo icibwamo. Tugarutse ku mwanditsi Kayigana Karoli aho avuga ko imigani y'imigenurano ifite akamaro ko guhanurira abantu kugira ngo bamenye ko ibyo bakora ari byiza cyangwa se ari bibi" (2007: 9), agakomeza agira ati: "Iyo umugenurano ukweretse ko igikorwa iki n'iki ari kiza uragikora, wakubwira ko ari kibi ukakireka" (2007: 9). Ibi na none tubisanishije n’imvugo zerekeza ku migani zigira ziti: ‘’umugani ugana akariho’’, twatsindagira ko imigani migufi ari indorerwamo y’imibereho n’imyitwarire mu muco w’Abanyarwanda. Icyuho cy’ubushakashatsi bwakozwe rero kiragaragarira mu kutagaragaza ku buryo bucukumbuye ko imigani migufi yashingirwaho indangagaciro na kirazirano by’umuco nyarwanda cyanecyane mu myigire n’imyigishirize mu mashuri. Umuryango mugari w’Abanyarwanda muri rusange n’urubyiruko rwo mu mashuri by’umwihariko bakwiye kugaruka ku migani migufi nk’akarango k’ubuvanganzo nyarwanda gatoza ikiza abakuru n’abato ariko kandi kakanabereka ikibi gikwiye kwirindwa, kugenderwa kure.Kurebera imigani mu kerekezo rusange, aho abiga bayifata mu

mutwe bakanafata mu mutwe ibisobanuro byayo, rimwe na rimwe bakayica banyuranyije n'imvugiro ya gacamigani bikwiye guhinduka,Imigani igashingirwaho iyigandangagaciro n'iyigandekakibi mu myigire n'imyigishirize mu mashuri.

Ubushakashatsi bwacu rero bwari bugamije kugaragaza uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye mu Rwanda. Twifashishije ibibazo bitandukanye twabajije abarimu n'abanyeshuri mu kwiga no kwigisha Ikinyarwanda nk'isomo ry'ingenzi, twasesenguye amakuru twahawe ajyanye n'imwe mu migani ibumbatiye indangagaciro zitandukanye zirimo: gukunda Igihugu, ubutwari, gukunda umurimo no kuwunoza, gukorera hamwe, kuzigama, kugira ibanga, kwihangana kwibwiriza, ubupfura, kwiyungura ubumenyi n'izindi nk'uko "Komisiyo y'Igihugu y'Itorero" (2014) yazigaragaje Muri uwo mujyo, twanasesenguye imigani ibumbatiye ingigo yo kureka ikibi yakwigirwaho kirazira zitandukanye z'umuco nyarwanda zirimo umururumba cyangwa ubusambo, kugambanira Igihugu, ubunebwe, guhubuka, amacakubiri, kwiyandarika, gusuzugura, kuvugaguzwa, kwifuriza inabi abandi, gushaka gukira ku ngufu, gutanga urugero rubi,kugira umwanda,gusuzugura n'izindi. Gutoza urubyiruko indangagaciro na kirazira ni imwe muri Gahunda y'Igihugu igamije iterambere rirambye NST1(2017-2024) aho guteza imbere umuco n'indangagaciro nyarwanda bizagerwaho binyuze mu kwigisha Ikinyarwanda n'indangagaciro nyarwanda duhereye mu muryango muto no mu mashuri by'umwihariko.

## 2.3. Uburyo bwo kuziba icyuho cyangwa gukosora inenge yagaragaye

Ubushakashatsi ubwo ari bwo bwose buba bugamije kwiga ku kibazo runaka cyagaragaye mu rwego rwo kugishakira umuti cyangwa kumurikira abashinzwe gufata ibyemezo.

Mu bushakashatsi bwacu rero, twasesenguye ku buryo bwimbitse imigani migufi tugamije kugaragaza iyashingirwaho mu kwigisha indangagaciro nyarwanda z'ibanze ndetse n'iyakwigisha kwirinda ikibi. Ubu bushakashatsi bwanasobanuye kandi uburyo bukoreshwa n'abarimu bo mu Kiciro cya Kabiri cy'Amashuri yisumbuye mu kwigisha imigani migufi hagamijwe gutoza abanyeshuri indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

## 2.4. Ikerekezo nyanshoza cy'ubushakashatsi

Ikerekezo nyanshoza cy'ubushakashatsi bwacu kigizwe n'ifatashusho ngenga, ifatashusho ngengwa n'ifatashusho mberabyombi nk'uko bigaragara kuri iki gishushanyo.

**IFATASHUSHO NGENGA**

**Imigani migifi:**

Uburere buruta ubuvuke, abishyize hamwe ntakibananira, uwanze kumvira se na nyina yumvira ijeri, uwigize agatebo ayora ivu, …

**IFATASHUSHO NGENGWA**

**Indangagaciro na kirazira zitandukanye:**

Gukunda Igihugu, ubunyangamugayo,

ubwitange, gukunda umurimo no kuwunoza, ubugwari, ubusambo, …

**Ibindi byaba isoko y'indangagaciro na kirazira**:

-umuryango

-Itorero

-Itangazamakuru, ...

***IFATASHUSHO MBERABYOMBI***

Igishushanyo 1:Kirerekana ipfundo ry'ubushakashatsi bwacu ari ryo imigani migufi.

Igishushanyo 2: Kirerekana iyimakazwa ry'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Izi ndangagaciro na kirazira zizahinduka bitewe n'imigani migufi.

Igishushanyo3: Kirerekana ibindi byaba isoko yo kwiga indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

## 2.5. Amahange yakoreshejwe

Umurimo wose w'ubushakashatsi ugira amahange wifashisha mu kuwusobanura. Hakaba hariho amahange anyuranye akoreshwa mu gukora ubushakashatsi. Ukora ubushakashatsi rero agira amahange ahitamo azakoresha mu bushakashatsi bwe, ibyo akabikora ashingiye ku miterere y'insanganyamatsiko n'intego z'ubushakashatsi. Abahanga bagaragaje ko insanganyamatsiko ari yo igena inzira n'amahange yakwifashishwa ngo uyisesengure mu buryo bunoze, buboneye kandi buzakuyobora bukakugeza ku ntego yawe y'ibanze. Ni muri uwo mujyo mu bushakashatsi bwacu twakoresheje amahange abiri ari yo: Isesengurirambaga n'isesengurangingo.

### *2.5.1. Isesengurirambaga*

Uwakwitegereza iri jambo uwo ari we wese, yaba yarize ubuvanganzo cyangwa atarabwize abona ari isesengura rifitanye isano n'imibereho y'abantu bagize imbaga y'umuryango runaka. Gusa na none umuntu yahita yongeraho ko habaho iyo mbaga y'abantu ituye ahantu runaka hazwi (abantu bafatika), hakaba n'imbaga ivugwa mu nkuru, mu migani migufi no mu bundi bwoko bw'imyandiko, ari yo twakwita urubumbambaga rw' abakinankuru. Mbese uwabivuga yihuse atabivuye imuzingo yabona ko ari isesengura riganisha ku isano iboneka hagati y'ibihangano n'imbaga yabihaye izuba. Twebwe ariko, hano twabirambuye duhereye ku gihe ndetse n'inkomoko y'iri sesengurirambaga.

Iri hange ry'isesengura ryadukanywe n'abahanga mu by'ijoranganzo bo mu Bufaransa, ahagana mu myaka ya za 1968. Ritangirana buhorobuhoro na Lucien Goldman (1968), ryamamazwa na Claude Duchet (1971). Ariko riza kuba gikwira cyane mu gihe cya Marc Angenot na Pierre Zima. Uyu wa nyuma we, yanditse n'igitabo kihariye kivuga ku mahange y'iryo sesengura mu rurimi rw'Igifaransa kitwa'' Manuel de Sociocritique'' mu mwaka wa 2013. N'ubundi"Sociocritique" ni ryo sesengurirambaga.

Abo banyamahange bose b'isesengurirambaga, badasobanyije bagendera ku gitekerezo ko ubuvanganzo bufitanye isano n'urubumbambaga rw'umuhanzi n'abasomyi be. Urwo rubumbambaga rukagira uko rugaragara, ruvugwa, rushushanywa mu buvanganzo; kandi bwa buvanganzo na bwo bukagira uruhare mu myumvire y'ababwakira" (2018: 105).

Bityo wasoma igihangano kikaba cyagutera ubwoba cyangwa kikagukurura bitewe n'icyo kigisha cyangwa cyamagana. Cyangwa ugasanga usomye inkuru runaka akuyemo umunyarubuga yikundiye cyane ndetse yumva yanakwigana. Ni yo mpamvu ubu buryo twabufashe nk'ubw'ibanze mu kuyobora umurimo wacu kuko iyo wumvise imigani migufi ugerageza kuyisesengura ngo wumve ko harimo ikiza cyo kwiga cyangwa ikibi cyo kwamagana, bitewe n'isi urimo n’icyo igusaba gukora. Ni na byo Jean Chrisostome Nkejabahizi avuga kuri iryo sesengura muri aya magambo: " Muri make usesengura agenda agereranya urubumbambaga ruvugwa mu nkuru n'urwo we atuyemo cyangwa urwo mu gihe uwanditse inkuru yabayemo" (2018: 105)”, ndetse iyi nzobere mu ijoranganzo, ikanemeza ko ari na ho haturutse imvugo ngo "ubuvanganzo ni indorerwamo y'urubumbambaga".

Ariko Nkejabahizi aburira abasesenguzi b'imyandiko n'inkuru ko batagomba kwitiranya ubu buryo n'ubundi bifitanye isano ya hafi "n'ibyo bita "sociologie de la littérature/sociology of literature" ari byo kwerekana uko ubuvanganzo bufatwa, bwigaragaza cyangwa buhabwa umwanya mu rubumbambaga: abahanzi, uko rubanda bitabira gusoma n'uko babwakira, ibikorwa mu kubumenyekanisha no kubuteza imbere (imurika, amazu acapa n'ayacuruza ibitabo), ijoranganzo, nb." (2018: 107).

Muri make rero, twavuga ko isesengurirambaga ari isesengura ryita ku kugaragaza isano iri hagati y'ubuvanganzo n'ubwakira. Bityo isesengurirambaga rifasha kwerekana akamaro ubuvanganzo bushingiye ku migani migufi bufitiye urubumbambaga, ari rwo twebwe Abanyarwanda.

Tubihuje n’ubushakashatsi bwacu, iri sesengura ryadufashije kumva ibivugwa mu mugani mugufi runaka (indangagaciro na kirazira) no kubihuza n’ubuzima busanzwe bw’Abanyarwanda. Iyo umuntu ajya guhuza ibiri mu gihangano n’isi ye, abanza gusobanukirwa amagambo ari muri icyo gihangano bityo akaba aboneyeho no kunguka amuga kuko uko agerageza kuyasobanukirwa ni na ko ayunguka.

### *2.5.2. Isesengurangingo*

Niba dukeneye isomo cyangwa ubutumwa buri mu migani y’imigenurano, inzira y'isesengura ya mbere tunyuramo ni iy’isesengurangingo kuko nk'uko Nkejabahizi abivuga ntidukeneye kumva amagambo yose uko yakabaye: "umusesenguzi ntafata indirimbo uko yakabaye, ni ukuvuga igizwe n'amagambo cyangwa interuro n'uburyo bikozwe hamwe n'icyo bihatse, ahubwo we yirebera gusa icyo ayo magambo cyangwa interuro byifitemo cyangwa bihishe’’. Ni ukuvuga ubutumwa bibundikiye". (2018: 83). Ariko aho ntawakumva tuvuga inyandiko akagira ati none se ihuriye he n’indirimbo? Twifuje ko twasubiza iki kibazo, kuko duhura buri gihe n'abibaza ku nyandiko.

Abenshi bayifata nk'ibyanditse byinshi bingana n'igitabo cyose! Aha na ho Nkejabahizi atanga igisubizo gitomoye agira ati: "Inyandiko ishobora kungana n'interuro imwe (cyangwa ijambo rimwe) nk'uko ishobora kuba igitabo cyose" (2018: 17). Anavuga kandi ko inyandiko cyangwa umwandiko atari ibyanditse gusa; "twabonye ko inyandiko ziri ukwinshi (iza gihanga, iz'ubuvanganzo, izanditse n'iziri mu mvugo" (2018: 17).

Muri make rero, twatsindagira ko usesengura ari we uhitamo ingingo n'uko ayita mu magambo ye bwite. Ik'ingenzi ni ugushobora kuyisobanura neza, akayumvisha abandi. “Imvugo usanga ari nk'igikoresho gusa umwanditsi yifashisha atanga ibitekerezo, ku buryo yo ubwayo nta gaciro bayiha cyangwa se bayiha gake cyane” (2018: 85).

Mu isesengurangingo rero, usesengura atanga ingingo abona ko yigaragaza cyane mu nyandiko cyangwa mu gihangano n’igisobanuro cyayo. Ni muri urwo rwego inyigo yacu yakoresheje iri hange ry’isesengurangingo aho twagaragaje ingingo ndemagaciro (indangagaciro) n’ingingo ndekakibi (kirazira) bikubiye mu migani migufi.

## 2.6. Akamaro k’ubu bushakashatsi.

Ubushakashatsi ubwo ari bwo bwose bugamije gucukumbura insanganyamatsiko runaka, bugashima ibyiza bikorwa, bukagaragaza ikibazo mu mizi yacyo n’ingamba zafasha mu kugikemura. Ni muri urwo rwego twakoze ubushakashatsi ku ruhare rw’imigani migufi mu

kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye yo mu Rwanda.

### *2.6.1. Akamaro ku bakoze ubushakashatsi*

Ubu bushakashatsi bwatwubatsemo umuco wo gusoma, gusesengura no kujora imirimo y'ubushakashatsi yakozwe n'abandi ku migani migufi, ibi bikaba byaratwunguye ubumenyi butandukanye. Nyuma yo kubumurika bukemerwa, buzaduhesha impamyabumenyi y'Ikiciro cya Gatatu cya Kaminuza mu Burezi n'Ikinyarwanda.Ibyo bizatwubakamo ikizere n'umuhate mu gukora ubundi bushakashatsi ku bintu bitandukanye buzafasha mu gukomeza guteza imbere ururimi n'umuco by'Igihugu cyacu.

### *2.6.2. Akamaro kuri Kaminuza y'u Rwanda*

Ntidushidikanya ko ubushakashatsi bwacu buzakungahaza isomero rya Kaminuza y'u Rwanda kuko buziyongera ku bw'abatubanjirije, bityo abarigana bakeneye inyigo icukumbuye ku migani migufi bakazabona icyo bifashisha. Ku barimu n'abanyeshuri ba Kaminuza y'u Rwanda, ubu bushakashatsi buzababera ivomo mu masomo y'ubuvanganzo nyarwanda ku byerekeye uruhare rw'imigani migufi mu gukungahaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda nk'uko Leta y'u Rwanda ibyifuza muri gahunda yayo igamije iterambere rirambye NST1. (2017-2024) aho igaragaza ko Igihugu gishishikajwe no guteza imbere umuco nyarwanda n'indangagaciro nk'umusingi w'Ubumwe n'Ubwiyunge. Ibyo bikazagerwaho binyuze mu kwigisha neza Ikinyarwanda n'indangagaciro nyarwanda mu muryango, mu mashuri no mu rubyiruko.

### *2.6.3. Akamaro ku bashakashatsi n'abanditsi*

Ubushakashatsi bwacu ntibwari bugamije kuvuguruza cyangwa gusenya ubwabubanjirije, ahubwo twabukoze dutekereza gutanga umusanzu w'ubwuzuzanye mu kugaragaza imigani migufi nk'ishingiro ry'iyigandangagaciro n'iyigandekakibi mu myigire n'imyigishirize mu mashuri. Bukaba rero bwarakungahaje umurage w'ubundi bushakashatsi bwakozwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ku Kinyarwanda, nk'ururimi Abanyarwanda benshi bisanzuramo.

Abandi bashakashatsi n'abanditsi rero bashobora kuzabwifashisha nk'ivomo mu bundi bushakashatsi buzakurikira ku migani migufi.

## UMUTWE WA GATATU: IYOBORAMIKORERE RY'UBUSHAKASHATSI

### 3.1. Umwinjizo

Umushakashatsi uwo ari we wese agena uburyo azakoramo ubushakashatsi bwe kugira ngo azashobore kugera ku ntego. Ni muri urwo rwego, kugira ngo tugere ku ntego z'ubushakashatsi bwacu, twanyuze mu nzira zikurikira: Twagaragaje ikerekezo cy'ubushakashatsi, itsinda nkeshwamakuru n'uburyo twaritoranyije, ibikoresho by'ubushakashatsi, ikusanyamakuru n'isesenguramakuru.

### 3.2. Ikerekezo cy'ubu bushakashatsi (Research approach)

Ubushakashatsi bwacu bwakozwe mu kerekezo mpeshwareme (uburyo nyamimerere) aho twagaragaje imigani yigisha gukora ikiza (indangagaciro) n'iyigisha kureka cyangwa kwirinda ikibi (kirazira) dushingiye ku kuyisesengurira mu muryango no mu muco wa ba nyiri ukuyihanga no kuyihangirwa.

Muri ubu bushakashatsi twakusanyije kandi dusesengura amakuru yatanzwe n'itsinda nkeshwamakuru ku migani yigisha ikiza(indangagaciro) n'indi yigisha kureka ikibi(kirazira). Mu kerekezo cy'ubushakashatsi bwacu kandi twasesenguye imigani migufi tuyihuza n'ururimi n'umuco by'urubumbambaga nyarwanda.

Mu gusesengura imigani migufi, twagarukiye ku ndundo y'imigani mirongo itatu (30), harimo cumi n'itanu (15) yigisha ikiza(indangagaciro) n'indi cumi n'itanu yigisha kureka ikibi(kirazira).

Mu gutoranya imigani twasesenguye, twashingiye ku migani yatanzwe n'abarimu ndetse n'abanyeshuri mu gihe k'ikusanyamakuru. Twashingiye na none ku migani igaragara mu bitabo by'Ikinyarwanda bikoreshwa mu mashuri bijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi (CBC) yatangiye gushyirwa mu ngiro mu mwaka wa 2015, Tunifashisha kandi ibitabo by'imfashanyigisho ku itorero mu mashuri.

## 3.3. Itsinda nkeshwamakuru

Itsinda nkeshwamakuru ni ikoraniro ry'abantu bake (ibintu bike) ritoranywa mu itsinda nshingirwaho rigizwe n'abantu benshi (ibintu byinshi) bahuje ibirango kugira ngo batange amakuru ku nsanganyamatsiko runaka yigwaho. Mu bushakashatsi bwacu twifashishije itsinda nkeshwamakuru ry'abantu 39 bari bagizwe n'abanyeshuri 30 biga Ikinyarwanda n'abarimu 9 bigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa kane w'ishami ry'indimi mu bigo bitatu ari byo: Urwunge rw'amashuri rwa Shyogwe mu Murenge wa Shyogwe, Ishuri Nderabarezi rya Muhanga mu Murenge wa Shyogwe n'Urwunge rw'Amashuri rwa Gitarama mu Murenge wa Nyamabuye mu Karere ka Muhanga. Iryo tsinda nkeshwamakuru ryari rihagarariye abanyeshuri n'abarimu bafite aho bahuriye n'iyiga n'iyigisha ry'Ikinyarwanda mu Kiciro cya Kabiri cy'amashuri yisumbuye mu Rwanda. Impamvu yatumye dutoranya ayo mashuri ni uko ubushakashatsi ubwo ari bwo bwose bugira imbago z'aho bukorerwa n'imbago z'ingano y'abatanga amakuru. Ikindi kandi twashingiye ku biranga ariya mashuri harimo kuba yose afite amashami yigisha indimi harimo n'Ikinyarwanda ndetse no kuba amwe abarizwa mu mashuri y'inyigisho rusange (General Education) andi akabarizwa mu mashuri mbonezamwuga (Professional Education)

## 3.4. Uburyo bwo gutoranya itsinda nkeshwamakuru.

Twatoranyije itsinda nkeshwamakuru twifahishije uburyo bw'abantu bahuje ibirango. Ubu buryo bukoshwa iyo umushakashatsi ashaka kwitirira ibyavuye mu bushakashatsi abantu bose bahuje ibirango n'abatanze amakuru (Mukama, Kagwesage, Uwizeye, & Ndikubwimana, 2019).Ibi bishatse kuvuga ko abanyeshuri n'abarimu bose bagize itsinda nkeshwamakuru uko ari 39 batoranyijwe nta kindi gishingiweho uretse kuba bafite aho bahuriye n'imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda nk'isomo ry'ingenzi mu Kiciro cya Kabiri cy'amashuri yisumbuye mu Karere ka Muhanga kandi bari bahagarariye itsinda rigari ry'abanyeshuri n'abarimu bafite aho bahuriye n'imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda mu Rwanda. Gusa na none mu rwego rwo kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu bushakashatsi bwacu, twahereye ku gutoranya itsinda nkeshwamakuru ry'amatsinda ahuje ibirango **(stratified sampling)** aho uburyo bwa tombora yoroheje bwakoreshejwe mu matsinda abiri hashingiwe ku gitsina **(abahungu n'abakobwa)**

## 3.5 Ibikoresho byifashishijwe mu ikusanyamakuru

Muri ubu bushakashatsi twifahishije uburyo bw'ibaza ryari rigizwe n'ibibazo bifunguye. Abakeshwamakuru bahawe impapuro zanditseho ibibazo n'izo bagomba gusubirizaho, basabwa gutanga ibisubizo mu bwisanzure, uko babyumva baganisha ku migani yigisha indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda n'uko iyo migani yigishwa.

Iryo bazwa ryatanze amakuru ku migani yigisha ikiza n'iyigisha kwirinda ikibi ndetse basobanura uburyo bukoreshwa mu kuyigisha bayihuza n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

## 3.6. Amahame ngengamyitwarire mu Bushakashatsi (Research Ethics)

Ukora ubushakashatsi uwo ari we wese agomba kubahiriza amahame ngengamyitwarire ajyanye n'ubushakashatsi bwe. Aya mahame yerekeranye n'imyitwarire y'umushakashatsi ku batangamakuru ari yo : *''kubanza kubaza ko abantu bazagira uruhare muri bwo bemera gukorana n'umushakshatsi, kugabanya ibyago n'ingorane abazagira uruhare mu bushakashatsi bahura na byo, kutamenyekanisha amazina yabo no kubagirira ibanga, kwirinda imikorere irimo uburiganya, no guha abazagira uruhare mu bushakashatsi uburenganzira bwo kwivana mu bushakashatsi guhera mu gihe k'imbata y'ubushakashatsi, mu ikusanyamakuru, mu isesenguramakuru no mu gihe cyo kugaragaza ibyavuye mu bushakashatsi''*. **(Bryman, 2008)**

Mu bushakashatsi bwacu rero, twaranzwe n'ubwitonzi n'ubushishozi, twirinda ikintu icyo ari cyo cyose cyateza ibyago ababugizemo uruhare. Mbere na mbere twasabye uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi mu nzego zose zarebanaga na bwo, duhereye muri Kaminuza y' u Rwanda, Akarere ka Muhanga amashuri twakoreyemo ubushakashatsi abarizwamo ndetse n'ibigo by'amashuri abakeshwamakuru babarizwamo.

Nyuma yo kugera mu bigo by'amashuri twakoreyemo, twatanze amakuru ahagije arebana n'ubushakashatsi bwacu ndetse tunasubiza ibibazo twabajijwe n'abakeshwamakuru.

Mbere yo gutanga amakuru, abakeshwamakuru biyemeje ku bushake bwabo, nta gahato, kuduha amakuru bigaragazwa no gushyira umukono ku masezerano yo kwemera gutanga amakuru ku bushake.

Twirinze kwinjira mu buzima bwite bw'abaduhaye amakuru kandi twirinda uburiganya ubwo ari bwo bwose ahubwo turangwa no gukorera mu mucyo.

Nk'uko kandi abagira uruhare mu bushakashatsi bagomba guhabwa uburenganzira bwo kubwikuramo, twatanze amakuru ahagije kuri ubwo burenganzira turanabubemerera. Gusa ku bijyanye n'ubwo burenganzira, twabasobanuriye ko nyuma y'itangazwa ry'ibyavuye mu bushakashatsi biba bitagishobotse kubwikuramo.

## 3.7. Ikusanyamakuru n'isesenguramakuru

### *3.7.1. Ikusanyamakuru (data collection)*

Uyu murimo w'ubushakashatsi ushingiyeku kugaragaza uruhare rw'imigani migufi mu kwigisha indangagaciro na kirazira mu mashuri yisumbuye mu Rwanda. Gutozwa indangagaciro na kirazira binyura mu nzira nyinshi ariko inyigo yacu yibanze ku kwigisha indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda binyuze mu nyigisho y'Ikinyarwanda, mu Kigwa k'imigani migufi. Mu gukusanya amakuru twabikoze mu buryo bubiri:

Uburyo bwa mbere ni ibaza ry'itsinda nkeshwamakuru twifashishije ibibazo bifunguye aho abakeshwamakuru batanze amakuru ku migani migufi yigisha ikiza (indangagaciro) n'iyigisha kureka ikibi (kirazira). Abarimu by'umwihariko baduhaye amakuru ajyanye n'uko bigisha imigani migufi bayihuza n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu mashuri atandukanye bigishamo Ikinyarwanda.

Uburyo bwa kabiri ni isomanyandiko (documentation). Aha twasomye inyandiko zitandukanye zirimo ibitabo by'Ikinyarwanda bikoreshwa mu myigire n'imyigishirize mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye. Twanifashishije kandi inyandiko za Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2014) zisobanura indangagaciro remezo zigomba gutozwa Abanyarwanda b'ibyiciro

bitandukanye no mu mashuri by'umwihariko. Ikindi kandi twanifashishije izindi nyandiko zifite aho zihuriye n'ubushakashatsi bwacu.

### *3.7.2. Isesenguramakuru (data analysis)*

Nyuma yo gukusanya amakuru twakurikijeho umurimo wo kuyasesengura tuyahuza n'intego ndetse n'ibibazo by'ubushakashatsi. Mu isesenguramakuru ryacu twifashishije amahange abiri akurikira: isesengurirambaga n'isesengurangingo. Mu ihange ry'isesengurirambaga twitaye cyane ku gusesengura imigani tuyihuza n'ubuzima n'imibereho by'umuryango nyarwanda. Mu ihange ry'isesengurangingo, twitaye ku butumwa bukubiye mu magambo agize umugani, icyo gacamugani yari agamije kwigisha abanyarwanda.

## UMUTWE WA KANE: ISESENGURA RICUKUMBUYE RY’IMIGANI MIGUFI

### 4.1. Ibisobanuro by’amagambo nyobozi

#### *4.1.1. Imigani migufi*

Imigani migufi bakunze kwita na none ‘’imigani y’imigenurano’’ni interuro ngufi, igizwe n’amagambo atondetse neza, itanga ihame(itegeko) ridutoza gukora ikintu iki n’iki cyangwa se kutagikora. Imigani migufi ibarizwa mu buvanganzo nyarwanda, ikaba ari umurage nyamvugo twarazwe n’abakurambere kugira ngo ukomeze kudusigasira mu kutwigisha gukora ikiza no kureka ikibi. Akenshi imigani migufi yigaragaza nk’imvugo y’amarenga cyangwa se ijimije igenura icyo gacamugani yaciriye uwo mugani ku buryo mu kuwusobanura bisaba no kurenga imvugo isanzwe tukagera ku cyo gacamugani yashatse kugenura.

Dufashe nk’urugero rw’umugani ugira uti:’’Iyo inkoko ivuye mu magi arabora’’ Mu by’ukuri mu mvugo isanzwe, iyo inkoko itarariye amagi, aha kurarira ni ukujya mu magi kw’inkoko kugira ngo ashyuhe, arabora. Kubora ni ukwangirika kw’amagi kubera ko inkoko itayashyuhije. Amagi iyo yangiritse inkoko ntishobora kuyaturaga bivuze ko adashobora kuvamo imishwi. Mu mvugo y’amarenga, ishushanya, inkoko irashushanya umubyeyi, amagi agashushanya abana bakiri bato, kubora bigashushanya kubaho nabi, guta agaciro. Mu mvugo ijimije rero, gacamugani akaba yarashakaga kwerekana ko iyo umubyeyi apfuye, agasiga abana be bakiri bato, abo bana(mfubyi) bagira imibereho mibi kubera kubura ubitaho aka wa mugani ngo: ‘‘akabura ntikaboneke ni nyina w’umuntu’’.

Umwanditsi Kayigana Karoli (2007) atwibutsa ko "Imigani y'imigenurano ifite akamaro ko guhanurira abantu kugira ngo bamenye ko ibyo bakora ari byiza cyangwa se ari bibi" (2007: 9). Akomeza agira ati: "Iyo umugenurano ukweretse ko igikorwa iki n'iki ari kiza uragikora, wakubwira ko ari kibi ukakireka" (2007: 9).

#### *4.1.2. Indangagaciro*

Dushingiye ku gisobanuro nkomoko, ijambo ‘’indangagaciro’’ ni izina ry’urusobe rigizwe n’amagambo abiri, Inshinga‘’kuranga’’isobanura ‘’kwerekana’’ n’icyuzuzo cyayo ’’agaciro’’

risobanura ''icyubahiro''umuntu ahabwa mbere na mbere bitewe n'uko ari umuntu, ikindi kandi akagihabwa bitewe n'ibikorwa bye, imyitwarire n'imyifatire ye. ''

Mu buryo bwagutse, indangagaciro ni imyitwarire ihebuje, igaragaza cyangwa se iranga abantu batuye Igihugun iki n'iki kandi bakayifataho urugero. Ni ibikorwa bishingiye ku muco byemeranyijweho n'abenegihugu, bifuza ko byahora bibaranga, bikanabitirirwa uko ibihe bihora biha ibindi. (CHENO, 2018)

Indangagaciro ni:'' Imyumvire, imitekerereze, imyifatire n'imigirire myiza iranga umuryango runaka w'abantu, bemera kandi barata, bibahesha agaciro, bifuza ko byahora bibaranga bikanabitirirwa uko ibihe biha ibindi, bityo bikaba amahame y'uburere atozwa abana b'umuryango runaka''(NIC,2014).

Indangagaciro kandi ni:''imigenzo myiza y'imbonezabupfura Abanyarwanda basabwa kubahiriza kugira ngo babashe kubahana, kubana neza, gusobeka ubumwe bikababahesha amahoro, ishema, icybahiro n'igitinyiro.''(NIC,2014).

#### *4.1.3. Kirazira*

Kirazira z'umuco w'u Rwanda ni:'' imico cyangwa imyitawrire mibi, Umunyarwanda wese agomba kwirinda kandi akayirinda n'abandi, imiziro n'imiziririzo Umunyarwanda yagenderaga kure kugira ngo akomeze kuba umuntu mu bandi'' (CHENO, 2018).

Kirazira ziyobora ubuzima bw'abantu bakikuzamo umuco wo kwanga ikibi no kukigendera kure, bikababafashab kubaho batabangamirana.

Kirazira kandi ni:''uburyo bwo gukumira no kwirinda ingeso mbi n'imico igayitse, ishobora guteza umuntu cyangwa umuryango ubusembwa bigahungabanya imibanire myiza, ubumwe, amahoro, ishema, icyubahiro n'igitinyiro''(NIC,2014).

#### *4.1.4. Umuco*

Mu Kinyarwanda baca umugani ngo:''Agahugu umuco akandi uwako''. Ibi bigenura ko nubwo isi ituwe n'ibihugu byinshi, ababituye badashobora gutekereza kimwe, kubaho kimwe no kwitwara kimwe. Umuco rero ukagenura imibereho y'abaturage batuye Igihugu iki n'iki.

Umuco ni urusobe rw'imyihariko abantu baba bafite ibatandukanya n'abandi batari bo, bakaba bagira bati: ''aba ni aba, bariya ni bariya'' ku buryo Abanyarwanda batakwitiranywa n'Abakongomani, Abarundi cyangwa Abanyatanzaniya. (MIJESPOC,1997).

Umuco kandi ni: "*ihuriro ry'ibigize imibereho y'abantu ya buri munsi, bukaba uburyo bw'uko Abenegihugu aba n'aba babona ibintu. Ni isangano ry'ibyiza nyabyo by'igihe cyahise, ibihangwa ubu n'ibizagerwaho''*(MIJESPOC,1997).

Umuco na none ni icyo abantu babura ntibabe abo bari bo. Ni ukuvuga ko iyo umuntu abuze umuco, aba abuze ubumuntu akaba nk'inyamaswa. Umuco si ikintu umuntu asoma mu bitabo ahubwo ni ukumvira umutima nama mu byo ukuyoboramo byo gukora iki cyangwa kudakora kiriya. (Nsanzabera,2021).

Muri make, umuco ni imitekerereze, imigenzereze, imyifatire yihariye y'umuryango w'abantu aba n'aba, byaba mu mibereho isanzwe, mu kwidagadura, imyemerere, ubuhanzi n'ibindi. Umuco kandi ugaragarira mu mateka no mu bindi birangamuco nk'inzibutso, ahantu nteramatsiko nk'amatongo, ibisigazwa by'abakurambere ibikoresho byabo n'ibindi.

Ku byerekeranye n'umuco nyarwanda, umwanditsi Nsanzabera (2021) avuga ko ugizwe n'uturango twinshi dukubiye mu ngeri zirindwi zikurikira: ururimi, amateka, imibereho n'imibanire, ubuvanganzo, imihango imigenzo n'imiziro, imyemerere n'ibyiza bihahwa ahandi (ibihahano).

Aha inyigo yacu yitaye cyane ku kugaragaza uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda. Mu gusesengura imigani tugaragaza

indangagaciro na kirazira, twayirebeye mu ndorerwamo ya kimwe mu bihangano mvanganzo by'abakurambere (ba gacamigani) ariko kandi tunayirebera mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

## 4.2. Isesengura ry'imigani yigisha indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda

### *4.2.1. Umwinjizo*

Mbere y'ubukoroni, Abanyarwanda barangwaga no kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda. Ibi bikaba byaraheshеje Abanyarwanda ishema, icyubahiro n'ubudahangarwa. Izo ndangagaciro zigirwaga mu muryango, mu rubohero no mu itorero ari ryo rerero ry'icyo gihe. Kwigisha indangagaciro na kirazira byakorwaga mu ruhererekane nyamvugo rw'amateka bikava ku bakuru bijya ku bato. Muri urwo ruhererekane nyamvugo habagamo n'imigani migufi yatozaga abantu gukora ikiza no kureka ikibi. Muri ibi bihe, Abana b'Abanyarwanda bigishwa gukora ikiza no kureka ikibi binyuze mbere na mbere mu muryango ariko cyanecyane mu byiciro bitandukanye by'amashuri. Inyigo yacu yacukumbuye imigani mirongo itatu,harimo cumi n'itanu yigisha ikiza gikwiye gusigasirwa, ari zo ndangagaciro z'umuco nyarwanda.Kubera ko indangagaciro na kirazira ari indatana, inyigo yacu yanagerageje gusesengura indi migani cumi n'itanu yakwigirwaho imyitwarire ndekakibi ari zo kirazira z'umuco nyarwanda.Inyigo yacu yasesenguye imigani yatanzwe n'itsinda nkeshwamakuru ndetse n'indi igaragara mu nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri kabiri cy'amashuri yisumbuye amashami y'indimi, aho Ikinyarwanda kigishwa nk'isomo ry'ingenzi

Mu gusesengura iyo migani ku mpu zombi, twagaragaje, indangagaciro na kirazira byakwigirwa kuri iyo migani. Mu gusesengura iyo migani kandi, twifashishiije amahange abiri ari yo isesengurirambaga n'isesengurangingo. Uyu mutwe twawushoje dusobanura uburyo abarimu bigisha imigani migufi bayihuza n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

### *4.2.2. Imigani yigisha indangagaciro z'umuco nyarwanda*

#### *4.2.2.1. Wanga kumenera Igihugu amaraso imbwa zikayanywera ubusa (gukunda igihugu)*

Kumenera Igihugu amaraso ni ugupfa uzize kwitangira Igihugu. Kwemera gupfa kugira ngo Igihugu cyawe gisugire, gitekane, kigire amahoro, kishyire kizane. Ni urukundo ruhebuje, ikaba indangagaciro rudasumbwa dukomora ku bacengeri. Aba bakoraga umurimo w'ubutasi mu

gihugu cy'umwanzi byaba ngombwa bakahasiga ubuzima bwabo ari byo bishushanywa no kumenera Igihugu amaraso. Kutabikora ni ubugwari, ariko kumena amaraso yawe kubera inyungu z'Igihugu cyawe ni urukundo rukomeye kandi ni umurage twarazwe n'abakurambere bacu. Ku buryo bwagutse nk'uko Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe N'Ubwiyunge ibivuga: *"Gukunda Igihugu ni ugukunda bene cyo n'abagituye nta vangura, ugakunda ibikigize byose birimo: ururimi n'umuco, ubutaka Igihugu kibarizwaho, kumenya amateka yacyo, kubumbatira umutekano n'ubusugire bwacyo no kugira ishyaka ryo kukirwanirira ku kiguzi icyo ari cyo cyose''*(NURC, 2027).

Uyu mugani rero, abato n'abakuru twawigiraho indangagaciro yo gukunda Igihugu cyacu kuko ari yo ngobyi iduhetse twese Abanyarwanda.

***4.2.2.2. Abishyize hamwe ntakibananira (ubumwe, gukorera hamwe)***

Uyu mugani uratweraka ko abantu bashyize hamwe imbaraga zabo bagamije kugera ku ntego runaka bayigeraho byanze bikunze. Mu mateka y'u Rwanda ubumwe bw'Abanyarwanda bwabaye ibanga nyamukuru ryo kwigira n'ishema mu maso y'ibindi bihugu.

Poritiki y'Igihugu y'ubumwe n'Ubwiyunge isobanura ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda igira iti: *"Ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda byumvikana nk'imigenzereze y'abaturage bemera ko basangiye ubwenegihugu, umuco n'uburenganzira bungana burangwa n'ubwizerane, ubworoherane, ubwubahane, uburinganire, ubwuzuzanye, ukuri, komorana ibikomere batewe n'amateka mabi baciyemo kugira ngo bashobore kwiteza imbere mu mahoro asesuye''*(NURC,2017).

Gacamugani rero iyo agira ati: "Abishyize hamwe nta kibananira'', aba ashaka kutwigisha iyo ndangagaciro ndemamuntu na ndemagihugu ku buryo amacakubiri no kuba ba nyamwigendaho bikwiriye gucika muri bene Kanyarwanda ahubwo tukamenya ko igiti kimwe atari ishyamba, umwana umwe atari umuryango kuko abagiye inama Imana ibasanga kandi aho umwaga utari uruhu rw'urukwavu rwisasira batanu.

#### *4.2.2.3. Uguhiga ubutwari muratabarana(Ubutwari)*

Mu mateka y'Ibihugu byinshi n'ay'u Rwanda by'umwihariko, indangagaciro y'ubutwari yaragaragaraga cyane. Ubutwari bugasobanura ubwitange kurusha abandi ku rugamba. Ni muri iyo myumvire gacamugani yagize ati:''uguhiga ubutwari muratabarana'' ashaka kuvuga ko uwirata ko arusha abandi ubwitange ku rugamba abigaragaza rwaremye, ingabo zatabaye cyangwa zagiye ku rugamba kuko mu Rwanda ubutwari bwagaragaririaga cyanecyane mu bikorwa by'urugamba rwo kwagura no kurinda ubusugire bw'Igihugu.

Gahorogahoro igisobanuro cy'ubutwari cyarahindutse ku buryo ubu ubutwari bufatwa nko: *''kwiyemeza gukora ikintu ugamije ineza y'abantu benshi, byaba ngombwa ukaba wabizira. Intwari ntizitinya guhara ubuzima bwazo bitewe nuko ziba zemera ukuri kandi zikaba ziteguye kugupfira bibaye ngombwa''*(CHENO,2018)

Ubutwari na none busobanurwa nko kugira umutima udatinya gushyigikira ikiza, kugaragaza ikibi no guhangara kukirwanya wemeye ingaruka zose byakugiraho. (NURC,2017)

Ubu indangagaciro y'ubutwari ku banyarwanda, twayirebera mu ndorerwamu y'ibikorwa byose bihebuje umuntu yakora agamije ineza y'u Rwanda n'Abanyarwanda. Ibyo bikorwa bishobora kuba birebana n'imibereho myiza y'Abanyarwanda n'iterambere ryabo, umutekano n'ubusugire bw'Igihugu

Dutoze rero Urubyiruko rw'u Rwanda umuco w'ubutwari ugaragazwa n'ubwitange buhebuje mu bikorwa bitandukanye ugirira abandi.

#### *4.2.2.4. Kora ndebe iruta vuga numve (Gukunda umurimo no kuwunoza)*

Uyu mugani wawucira umuntu urangwa no kuvuga amagambo menshi kuruta ibikorwa ushaka kumwigisha ko ibikorwa byigisha kuruta amagambo. Guhindura abantu kwiza ni ukuba intangarugero ku murimo kuruta gushaka kubahinduza amagambo.

Nubwo ijambo ryiza ari mugenzi w'Imana, ibikorwa byo biza ari akarusho.

Mu mateka y'Ibihugu n'ababituye umurimo wamye ari ishingiro ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abantu. Mu muryango nyarwanda ihame ryo gukora no gukunda umurimo ryari

ishingiro ndakuka kuri buri wese ugize umuryango ku buryo bagiraga bati:'' umurimo ni umurunga w'iminsi'' bashaka kwerekana ko kubaho neza no kuramba k'umuntu abikesha gukora.

Indangagaciro rero yo gukunda umurimo no kuwunoza isobanura ''kurangwa no gukorana ubuhanga, gukorera ku ntego, gukorera ku gihe, kugwiza umusaruro w'ibikorwa bikozwe neza no guhora mu irushanwa ryo guhanga ibishya birushaho guteza izindi ntambwe mu iterambere n'imibereho myiza''(NURC,2017)

Gukunda umurimo ni uguhora ushishikajwe no gukora ukoresheje imbaraga z'ubwenge cyanga z'umubiri ugamije kugera ku ntego runaka

Kunoza umurimo ni ukuwukora neza, ukawukoreraku gihe kandi ukawukorana ubuhanga ku buryo ukugeza ku musaruro wifuza.

Urubyiruko rw'u Rwanda rero rukwiye gutozwa indangagaciro yo gukunda umurimo no kuwunoza hakiri kare aka wa mugani ngo: "Akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure**".**

### *4.2.2.5. Imfura ishinjagira ishira (Ubupfura)*

Uyu mugani uratwigisha ko umuntu w'imfura yemera kubabara aho kugira ngo ahemuke cyangwa ate isaro.

Mu Kinyarwanda ubupfura ni imico myiza igororokera abandi, irangwa n'ubudahemuka, umutima w'impuhwe n'imbabazi, kutirata, kwanga umugayo no kwitwararika muri byose no kuri bose. Ikindi kandi imfura ni iyo musangira ntigucure, mwajya inama ntikuvemo, waterwa ikagutabara, wapfa ikakurerera, ni ikena ntiyibe yakira ntisuzugura abakene.

Kuba imfura bijyana no kwiyubaha, kwirinda guhemuka, kwitsinda, kwicisha bugufi no kubana neza n'abandi. Ibanga ry'ubupfura rishingiye ku kwiyubaha no kwirinda guhemuka ku mpamvu izo ari zo zose. Urubyiruko rw'u Rwanda rero rukeneye kwigishwa iyi ndangagaciro hakiri kare kuko ari yo pfundo ry'imibanire myiza mu bantu.

***4.2.2.6. Umwana uzi ubwenge bamusiga yinogereza (indangagaciro yo kwibwiriza)***

Uyu mugani uratwigisha kugira uruhare mu byo dukorerwa byiza batagombye kubiduhatira.
Aha kumenya ubwenge birashushanya kureba kure, gutekereza ku byiza ukorerwa, ,gusiga bigashushanya ibyiza byose ukorerwa n'abagushinzwe, kwinogereza bigashushanya kugira uruhare mu byiza ukorerwa kuko mbere na mbere ari wowe bifitiye akamaro.

Mu buryo bwagutse, kwibwiriza ni indangagaciro iranga umuntu ufata iya mbere mu gukora igikorwa runaka kiza, adategereje kubitegekwa cyangwa kubihatirwa, akabikora ku neza ye cyangwa y'abandi. Birumvikana rero ko iyi ndangagaciro ikwiye kwigishwa urubyiruko rugakura rugirea uruhare mu byiza birukorerwa.

***4.2.2.7. Ibanga ribangirwa ingata (Kugira ibanga)***

Ubusanzwe ijambo ibanga risobanura ibyo uziranyeho n'umuntu cyangwa n'abantu.
Ni ubutumwa wabikijwe ugasabwa kutabutangaza kuko bishobora kugira ingaruka ku wabukubikije. Ingata yo ni igikoresho gakondo cyakoreshwaga mu kwikorera cyangwa gutwara ibintu nk'amazi, inzoga, imyaka n'ibindi. Ingata yatangaga umutekano ku wikoreye n'ibyo yikoreye. Kuvuga ko ibanga ribangirwa ingata rero, gacamugani arashaka kutwumvisha ko kudatangaza ubutumwa wabikijwe bitanga amahoro n'umutekano ku wabukubikije kandi bigasaba nyakubika ibanga kwitwararika aka wa mugani ngo:'' Ijambo rigukunze riguma mu nda'' cyangwa ngo '' uhishe mu nda imbwa ntimwiba''

Dutoze urubyiruko rwacu iyo ndangagaciro yo kwifata mu magambo no kugirira ibanga abaritubikije.

*4.2.2.8. Akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure (Kuzigama, kwiteganyiriza)*

Mu Kinyarwanda akabando ni agakoni cyangwa inkoni abasaza n'abakecuru bitwaza mu rugendo. Ako kabando gafite umumaro wo kubongerera imbaraga kugira ngo babashe gusohoza urwo rugendo kubera ko imbaraga zabo ziba zaratangiye gukendera.

Gacamugani rero iyo avuga akabando aba ashushanya ibintu byose bizagufasha ugeze mu za bukuru. Guca ako kabando hakiri kare bigashushanya gutegura amasaziro ugifite imbaraga ari byo twagereranya no kuzigama. Kubika kure ako kabando bigenura kubungabunga umutekano w'ibyo uzigama kugira ngo uzagere mu gihe bigufasha bigihari.

Muri iki gihe, binyuze muri gahunda ya "Ejo Heza" Leta y'u Rwanda ishishikariza Abanyarwanda wese n'urubyiruko by'umwihariko, kwizigamira tugifite imbaraga aka wa mugani ngo" Iteme umugabo azambuka aritinda agitunze". Nk'uko gacamugani abidushishikariza, twese tugire uwo muco wo guteganyiriza ejo hazaza, turye tubara kuko 'inda uyibwira icyo uyirarije utayibwira icyo uyihaye".

### *4.2.2.9. Ubwenge burarahurwa (Gushishikarira Kwiyungura ubumenyi)*

Ubusanzwe ubwenge ni ibintu byose tuzi. Ni ubumenyi budushoboza gukora ibintu runaka. Ubwenge cyangwa se ubumebyi dufite tubukomora ku bandi ari byo bishushanywa no kurahurwa. Uyu mugani rero urashaka kutwigisha ko ubumenyi dufite tubuhabwa n'abandi kandi ko tugomba guhorana inyota yo kunguka ubundi bityo bukadufasha gukora ibikwiye no kubana neza n'abandi.

Gushishikarira kwiga no guhora twiyungura ubumenyi ni indangagaciro y'ingenzi ku rubyiruko rwo mu mashuri kuko utazi ubwenge ashima ubwe kandi akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.

### *4.2.2.10. Kugera kure si ko gupfa (indangagaciro yo kwihangana)*

Muri uyu mugani, kugera kure si ugukora urugendo rurerure ngo ugere ahantu runaka. Kugera kure bishushanya kuzahazwa n'ibibazo n'ingorane z'ubuzima nk'indwara, ubukene n'ibindi. Gacamugani arashaka kutwigisha ko ibibazo by'inzitane duhura na byo muri ubu buzima tugomba kubyihanganira kuko mu gihe gikwiye birarangira bikadusiga, aka wa mugani ngo:'' nta gahora gahanze''.

### *4.2.2.11. Indinde iba kabiri: ndinda dawe na ndinda mwana wange''(indangagaciro yo kwita no gufasha abanyantege nke)*

Muri uyu mugani, gacamugani arashushanya abantu b'ibyiciro bibiri bakenerana mu bihe bitandukanye. ''Ndinda dawe ''irashushanya abana bakiri bato bakenera ubufasha bw'ababyeyi mu mikurire yabo mu buryo butandukanye. Abana bakenera ababyeyi kuko nta bushobozi baba bafite bwo gukemura ibibazo bahura na byo mu buzima. Aha rero ababyeyi bafite inshingano zo kwita ku bana babo, bakabashakira ibyo bakeneye byose kugira ngo bakure neza.

"Ndinda mwana wange" yo irashushanya ubufasha ababyeyi bazakenera ku bana igihe bazaba bageze mu za bukuru, imbaraga zitangiye gukendera, batakibasha gukora ngo bibesheho. Aha rero abana bafite inshingano zo kwita ku babyeyi babo, bakabashakira ibyo bakeneye kugira ngo basaze batandavuye.

Muri rusange uyu mugani ku ruhande rumwe, uratwigisha kwita no kurera neza abana bacu tubaha ibyangombwa nkenerwa kugira ngo bakure neza mu bwenge no mu gihagararo. Ku rundi ruhande ugasaba abana kwita no kubungabunga ubuzima bw'ababyeyi igihe bageze mu za bukuru batagishoboye kwibeshaho.

### *4.2.2.12. Igiti kigororwa kikiri gito (Kwita ku burezi n'uburere bw'abana bato)*

Mu mvugo isanzwe iyo igiti kikiri gito birashoboka ko cyakwitabwaho kigakura neza kigororotse, kikazatanga umusaruro wifuzwa. Nyiri ishyamba rero iyo atitonze ngo afate umwanya, yicire ishyamba rye, aha ''kwicira ishyamba'' birasobanura kurikonora cyangwa kurikiza ibyonnyi kugira ngo rizakure neza ritange umusaruro mwinshi.

Mu mvugo y'amarenga, igiti kirashushanya umwana muto. Kugorora igiti kikiri gito birashushanya gukosora umwana akiri muto, ukamuyobora inzira nziza. Iyo utabikoze, biragora kuzamukosora amaze kuba mukuru kuko aba yaramaze kwangirika.

Uyu mugani rero uratwigisha indangagaciro yo kwita ku burezi n'uburere bw'abakiri bato, cyanecyane mu buryo bwo gukosora amakosa yabo kugira ngo bakure bakora ikiza.

***4.2.2.13. Ukuri guca mu ziko ntigushye (Indangagaciro yo kuvugisha ukuri)***

Mu mvugo isanzwe ikintu cyose gishyizwe mu ziko kirashya kigahindura isura cyari gisanganywe.

Mu mvugo y'amarenga, ukuri ntiguhinduka, ntigusaza, ntigupfa. Ntiguhindurwa n'umuntu uwo ari we wese kabone nubwo yaba ari igikomerezwa.

Indangagaciro yo kuvugisha ukuri igihe cyose rero ni ngombwa kuri buri wese kuko ikinyoma kicara ku ntebe rimwe kitahicara kabiri. Ibi bishatse kuvuga ko ukuri kudahindurwa n'ibihe ariko ikinyoma cyo kitaramba.

***4.2.2.14. Nta mukuru uribara nk'umuto waribariwe. (indangagaciro yo gutega amatwi abato, kumva inyigisho z'abato, kwemera guhanurwa n'abato)***

Mu Kinyarwanda baca umugani ngo:''Ijoro ribara uwariraye''bashaka kuvuga ko amakuru runaka y'ikintu kibabaje atangwa n'uwanyuze muri ubwo bubabare.

Mu buryo busanzwe'' kurara ijoro '' ni ukurara udasinziriye. Mu mvugo y'amarenga bigashushanya guhura n'ibibazo bitandukanye bituma ubaho udatekanye. Rero ubuhamya bw'ukuri bw'ibibazo umuntu yahuye na byo ni we ubwe ubwitangira.

Gacamugani iyo avuga ngo: "nta mukuru uribara nk'umuto waribonye", aba ashaka kutwigisha ko abakiri bato, urubyiruko, bashobora guhanura abakuru ku kintu runaka bazi, babonye, cyababayeho kandi ubwo buhamya bukaba butatangwa n'abakuru kuko batabuzi. Ibi rero bikadusaba kwigira kuri uyu mugani, indangagaciro yo kwemera guhanurwa n'abato, cyanecyane iyo bavuga inkuru z'ibyababayeho nk'uko mu Kinyarwanda bagira bati: 'Igi ryahanuye inkoko'' bashaka kuvuga ko abato bashobora kwigisha abakuru.

***4.2.2.15. Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge (indangagaciro yo gusigasira ubucuti, kubungabunga ubucuti)***

Mu Kinyarwanda ifuni ni ubwoko bw'isuka nto bakoreshaga mu kubagara imyaka bayikuramo ibyatsi twagereranya nk'ibyonnyi kugira ngo izere neza.

Mu mvugo isanzwe rero ntibabagara ubucuti, babagara imyaka. Mu mvugo y'amarenga, "'kubagara ubucuti" ni ugusigasira ubucuti, Ni ugukora ibintu byose byatuma umubano ukomeza gusugira no gusagamba. Kera ikimenyetso nyamukuru cyabyerekanaga cyari ugusurana, umuntu agafata urugendo n'amaguru, akajya ku nshuti ye, akayisura, akayiganiriza, akayereka ko umubano ukomeye kandi ukomeje. Akarenge rero karashushanya urwo rugendo rukozwe n'amaguru. Kubera iterambere mu itumanaho, nta gitangaza cyaba kirimo tuvuze ko ''ifuni ibagara ubucuti ari terefone'' kuko ari yo isigaye ikoreshwa cyane mu itumanaho aho abantu bohererezanya ubutumwa, bakanahamagarana ku buryo butandukanye.

Muri uyu mugani rero, gacamugani aratwigisha indangagaciro yo gusigasira ubucuti ku buryo bugaragara. Nubwo nta muzindutsi wa kare cyane watashye ku mutima w'undi, urukundo rugomba gusigasirwa.

### *4.2.3. Imigani yigisha kirazira z'umuco nyarwanda*

#### *4.2.3.1. Udakora ntakarye (Kirazira kugira ubunebwe)*

Uretse wenda abana n'abarwayi bashobora kutitabira umurimo kubera intege nke, gacamugani aratubuza kunyunyuyza imitsi y'abandi akadusaba kubanza kwiyuha akuya, kuvunika, kuruha tubitewe no gukora kugira ngo tuzabone ibidutunga, tubeho neza uko bikwiye aka wa mugani ngo''Imbuto y'umugisha yera ku giti cy'umuruho''. Twirinde rero ubunebwe, tubugendere kure kuko umusaruro wabwo ari ubukene, gusabiriza, kunyunyuza imitsi y'abandi, kubaho nabi no guta icyubahiro mu bandi.

#### *4.2.3.2. Urucira muka so rugatwara nyoko (Kirazira kwifuriza abandi inabi, ibyago)*

Uyu mugani urafatira ku masano abiri ari yo nyina w'umuntu (Umubyeyi we w'umugore) na muka se w'umuntu:(umugore wa kabiri wa se). Ku ruhande rumwe, nyina w'umuntu ni ndasimburwa mu burere bw'umwana, bikagaragazwa nuko bagiraga bati: Akabura ntikaboneke ni nyina w'umuntu''. Ku rundi ruhande, muka se w'umuntu yafatwaga nk'umuntu mubi, udashobora gufata kimwe abana be n'aba mukeba we kuko bagiraga bati:''Umwana w'undi abishya inkonda''.

Kurucira mu ka so rero birashushanya kumwifuriza gupfa, nyuma urupfu rugahindukira rugatwara uw'ingezi mu buzima bwawe ari we nyoko. Ibi biratwereka ko ibyo twifuriza abandi ari byo bitubaho. Iyo ari byiza tubyungukiramo, byaba ari bibi tukabihomberamo. Twirinde rero kwifuriza abandi ikibi.

#### *4.2.3.3. Isuri isambira byinshi igasohoza bike (kirazira gushaka gukira ku ngufu)*

Mu mvugo isanzwe isuri ni umuvu cyangwa amazi menshi atemba ava imusozi ajya mu kabande kubera imvura. Ayo mazi kubera ubuhaname bw'imisozi asakuma imyanda ahuye na yo yose ariko si ko yose igera mu kabande. Hari imyanda igenda isigara.

Mu mvugo y'amarenga, isuri irashushanya abantu. Gusambira byinshi ni ugushakisha ibintu ku ngufu unyuze mu nzira zishoboka n'izidashoboka. Aha rero gacamugani aratubuza gushaka gukira ku ngufu, rimwe na rimwe tunyuze mu nzira zitari zo. Gukira ni byiza ariko uburyo tubigeraho n'inzira tunyuramo bigomba kuba biboneye aka wa mugani ngo ''Hitamo imara ipfa''.

#### *4.2.3.4. Ntawihuta nk'uwayobye (kirazira guhubuka).*

Mu mvugo isanzwe kwihuta ni ukugenda vuba kugira ngo ugere iyo ujya kare. Ubusanzwe umuntu yihuta azi neza ko ari mu nzira nyayo izamugeza iyo ajya. Kuyoba ni ukunyura mu nzira itari yo. Mu Kinyarwanda iyo umuntun yayobye bimutwara imbaraga nyinshi kugira ngo azagere iyo ajya kuko abanza kuyoboza abahisi n'abagenzi kugira ngo bamwereke inzira nyayo hanyuma aboneze age iyo ajya. Muri uyu mugani rero gacamugani aratwigisha kwirinda guhubuka mu byo dukora, kuko rimwe na rimwe hari igihe tuba turi mu nzira zitari zo, twayobye. Muri make turangwe n'ubushishozi mu byo dukora, guhubuka bibe kirazira.

#### *4.2.3.5. Inda nini yishe ukuze (Kirazira kugira inda nini, umururumba, ubusambo)*

Kugira inda nini si ukugira inda igaye, ibyibushye nk'iy'abagore bakuriwe. Mu mvugo ya gacamugani, inda nini ni imyumvire n'imigirire iganisha ku kwikubira ibyawe no kwiha uburenganzira bwo gutwara iby'abandi.

Umururumba n'ubusambo na byo ni'' imyumvire ishingiye ku kutanyurwa n'ibyo ufite ugahorana irari ry'iby'abandi wibwira ko ari byo byaguhaza'' (NEC, 2914).

Muri uyu mugani kandi umuntu ukuze si umuntu muremure mu gihagararo cyangwa ufite imyaka myinshi. Umuntu ukuze birashushanya umuntu ushyira mu gaciro, w'inyangamuga cyangwa imfura. Inda nini yishe ukuze rero birashushanya ko ubusambo, umururumba n'inda nini bitabangikana n'ubupfura cyangwa ubunyangamugayo. Bityo kugira ngo dusigasire ubupfura n'ubunyangamugayo, tugomba kwirinda umururumba n'inda nini kuko inzara irashira ariko igihemu ntigishira kandi ngo urya inshuro n'inshuti bigashira udahaze.

#### *4.2.3.6. Nyiri ikirimi kibi yatanze umurozi gupfa (Kirazira kuvugaguzwa, kumena ibanga)*

Kugira ikirimi kibi birashushanya kuvuga amagambo menshi, kumena ibanga, kutitangira mu byo uvuga. Ibi rero si umuco w'i Rwanda kuko byitwa kuvugaguzwa. Kuvugaguzwa ni imyitwarire y'abantu usanga bavuga ibyo bazi byose, ibyo babonye byose, ibyo bumvise byose, batabanje kureba abo babibwira, aho babivugira n'impamvu babivuga. Usanga aba aria bantu bashaka ko abandi bababonamo ba ''bamenya'', ba ''nzi byose''. Kubera ako kamenyero kabi, usanga bavuga batabanje no kwibaza ku ngaruka z'ibyo bavuga haba kuri bo cyangwa se ku bandi ndetse no ku myubakire y'ubuyobozi (NEC,2014)

Mu Kinyarwanda kandi umurozi si uwo gushyigikirwa kuko yica abantu. Ni umwicanyi nk'abandi. Nta muryango w'abantu ushyigikira abarozi. Kumva rero ko umurozi yapfuye ntibitangaje. Rero, kuvugaguzwa, kumena ibanga, kutitangira mu magambo bigira ingaruka mbi nk'uko kuroga na byo bigira ingaruka mbi. Izo ngaruka mbi zikaba zishushanywa n'urupfu muri uyu mugani. Twirinde kuvuga ibyo tuzi byose ahubwo dushungure, tuvuge ibikwiye kuvugwa kandi bifite icyo byungura abandi.

#### *4.2.3.7. Uwigize agatebo ayora ivu (Kirazira kwiyandarika, kwitesha agaciro)*

Mu muco nyarwanda igitebo ni igikoresho gakondo bakoreshaga mu gutwara imyaka ariko cyanecyane mu gutwara imyanda harimo ibishingwe n'ivu.

Mu mvugo ya gacamugani kwigira agatebo ni ukwisuzuguza bitewe n'ibikorwa by'urukozasoni bikuranga. Kuyora ivu ni ugusuzugurwa, kudahabwa agaciro bitututse ku myitwarire yawe mibi. Twirinde rero kwiyandarika twishora mu bikorwa by'urukozasoni kuko bitatwubahisha.

### *4.2.3.8. Mwa nyu ni mwa nyoko, mwa nyina w'undi ni mwa nyiranyenga (Kirazira kugira amacakubiri)*

Mu mvugo isanzwe kandi yoroshye kumva aheza ni iwanyu, iw'abandi ni habi. Imyumvire ibona abo mutavuka hamwe, abo mudafitanye isano nk'isoko y'ibyago ni ikimenyetso cy'amacakubiri kandi mu Kinyarwanda baravuga ngo: Nta mugabo umwe'', bakongera bati:''Bagarira yose kuko utazi irizera n'irizarumba''Aha baba bashaka kuvuga ko ubumwe n'ubufatanye ari indangagaciro z'ingenzi cyane mu mibereho y'abantu. Ntawushobora kugera ku iterambere rirambye yubakiye ku macakubiri. Gacamugani rero aratwigisha ko kizira kikaziririzwa kugira amacakubiri. Nta mwana w'undi ubishya inkonda kuko abana bose ni bamwe.

### *4.2.3.9. Uwiba ahetse aba abwiriza uwo mu mugongo (Kirazira gutanga urugero rubi)*

Mu kinyarwanda hari umugani ugira uti: "Ntayima nyina akabara'' ushaka kuvuga ko imico myiza cyangwa mibi iranga ababyeyi, abana babo bayivukana ndetse bakanayikurana. Kwiba uhetse ni ugutanga urugero rubi ku wo ushinzwe kurera. Kubera ko rero abana bakura bigana ibyo ababyeyi babo bakora, umubyeyi nyamubyeyi yagakwiye kwibaza ku murage ari kuraga abana be, akihatira kubaraga ikiza. Ubusambo n'izindi ngeso mbi ntibikwiye kuragwa abana. Gacamugani rero araburira ababyeyi n'abarezi muri rusange ko bakwiye kwirinda gutanga ingero mbi, umurage mubi ku bo bashinzwe kurera.

### *4.2.3.10. Uwambaye injamba ntagira ijambo (Kirazira kugira umwanda, kutiyitaho)*

Mu muco nyarwanda, kwambara injamba ni ukwambara imyenda mibi, idasukuye, yuzuye ico n'inda, yacikaguritse, mbese itaguhesha ishema mu bandi. Kutagira ijambo byo bisobanura kutagira ishema n'icyubahiro mu bandi kubera imyambarire yawe. Mu mvugo yoroshye kumva, uwambaye nabi agaragara nabi naho uwambaye neza akagaragara neza. Uyu mugani rero uratwigisha kwirinda umwanda no kwisuzugura mu myambarire yacu, mbese uratwereka ko kurimba bituma tugira ijambo n'icyubahiro mu bandi.

***4.2.3.11. Umwana utumva yishe inyoni itaribwa (Kirazira gusuzugura)***

Mu mvugo isanzwe, kumva ni ukuzirikana ibyo ubwiwe, ukabiha agaciro kandi ugashyira mu ngiro inama zikubiye mu byo wabwiwe. Umwana utumva rero ni umwana utazirikana ibyo yabwiwe bigatuma atanabiha agaciro ngo ashyire mu ngiro inama yagiriwe, zaba izo gukora neza cyangwa izo kwirinda imigirire iyi n'iyi idahwitse. Kwica inyoni itaribwa birashushanya kuruhira ubusa, guhusha intego, kutagera ku musaruro nyawo. Uyu mugani rero uratwigisha kwirinda gusuzugura inama tugirwa kuko bituma tutagera ku ntego bikarangira twicujije, aka wa mugani ngo:''iyo mbimenya yari ijambo nuko yaje ku munota wa nyuma''.

***4.2.3.12. Intibwira y'inkumi ipfumbata umushyitsi (Kirazira guhubuka, kudashishoza)***

Muri uyu mugani, inkumi y'intibwira ni inkumi itareba kure, idatekereza ku ngaruka z'ibyo igiye gukora. Mu yandi magambo umukobwa w'intibwira arangwa no guhubuka, ari byo gacamugani agereranya no gupfumbata umushyitsi. Ubusanzwe mu muco nyarwanda nta mukobwa urarana n'abashyitsi b'igitsina gabo, nk'uko nta muhungu urarana n'abashyitsi b'igitsina gore. Uwo muco wari ushingiye ku kugira amakenga mu rwego rwo kwirinda ubusambayi.

Gacamugani rero aratuburira atwereka ko kizira kikaziririzwa guhubuka cyangwa gukora ibintu tutatekereje ingaruka zabyo. Tugomba kureba kure, tugakumira icyaha mbere yuko kiba.

***4.2.3.13. Wishimira gusomera ejo ukarumanga (Kirazira gusesagura, kugira umurengwe).***

Uyu mugani uratwereka ko umuntu urya atabara igihe kigera akicwa n'inzara. Kuba ufite ibigutunga bihagije ntibisobanura ko uzabihorana iteka ryose. Ugomba kwirinda umurengwe watuma ubisesagura. Hari imvugo zigira ziti:'' urondereza ubusa bukimara''ariko ibyo si umuco w'i Rwanda kuko umurengwe wica nk'indwara.

Gacamugani rero aratugira inama yo kwirinda kwaya. Aha ''kwaya'' birasobanura kurya nk'uzapfa ejo. Ibyo dutunze ntibikaduhume amaso ngo twumve ko tuzabihorana, ahubwo bitubere amahirwe yo guteganyiriza ejo hazaza heza.

#### *4.2.3.14. Umugabo mbwa aseka imbohe (kirazira kwishongora, guseka abari mu bibazo)*

Uyu mugani twawusobanura duhereye ku kinyuranyo cy'umugabo mbwa ari we umugabo nyamugabo. Umugabo nyamugabo ni wa wundi urangwa n'ibikorwa by'abagabo byuje indangagaciro nyazo. Guseka umuntu uri mu kaga rero si indangagaciro y'umugabo nyawe. Mu muco nyarwanda abantu bari mu kaga, bafunze, barasurwa, bagahumurizwa kuko ibyago bitera bidateguje kandi buri wese byamugeraho. Gacamugani rero aranenga umugabo mbwa wishongora cyangwa se wirata ku bari mu kaga agira ngo we arakingiye.

Kwishimira akaga k'abandi, ubishongoraho, ubaseka si umuco w'i Rwanda**.**

#### *4.2.3.15. Umugabo anyagiranwa n'abandi ati: ''Nge naboze'' (Kirazira kuba ikigwari)*

Ubusanzwe iyo umugabo afatanyije n'abandi urugendo imvura ikagwa, iyo badafite imitaka ngo bitwikire, bashaka aho bugama kuko kugenda mu mvura si byiza. Iyo babuze aho bugama, imvura bayiha ibitugu bagakomeza urugendo ariko bagera iyo bajya badishye, baboze cyangwa batose. Uku kubora byashoboraga kubatera uburwayi, urugero nk'umusonga. Mu mvugo y'amarenga, kunyagiranwa n'abandi bishushanya gufatanya na bo ibibazo, gusangira ibibazo. Ingaruka z'ibyo bibazo rero zigera kuri bose, ntizigera kuri umwe ngo zisye zanzitse, abandi zirume zihuha. Uyu mugani rero uratwigisha kwirinda ubugawari bushingiye ku kuba wibona nk'uwagwiriwe n'ishyano kunkibazo wari usangiye n'abandi.

### 4.3. Akamaro ko kwiga imigani migufi mu mashuri yisumbuye mu Rwanda.

Imigani migufi, ifite akamaro gakomeye mu kwigisha Abanyarwanda. Umwanditsi Laurent Nkusi (1976) avuga ko imigani migufi ivoma mu buzima bw'Abanyarwanda bwa buri munsi bityo ikanabigisha uko bakwiye kubwitwaramo ngo bubanogere. Ibi birerekana ko imigani migufi ifite akamaro ko gusigasira no gukungahaza ururimi n'umuco w'Abanyarwanda.

Kuri iyi ngingo, twavuga ko ururimi n'umuco ari indatana kubera ko ururimi ari rwo rusobanura umuco. Mu by'ukuri, abadahuje ururimi ntibaba bahuje n'umuco. Hejuru yo kuba ari ururimi rw'Igihugu n'ururimi rukoreshwa mu nzego z'ubuyobozi, Ururimi rw'Ikinyarwanda rufasha bene rwo kwisanzura, bakerekana imikorere, imyemerere n'imitekerereze yabo. Imigani migufi rero ikungahaye mu kwerekana imitekerereze y'Abanyarwanda, imyemerere n'imikorere yabo.

Ikubiyemo kandi uturango tw'umuco n'amateka by'Abanyarwanda. Dufashe nk'urugero rw'umugani ugira uti:'' utabusya abwita ubumera'', Turabona ko ubumbatiye amagambo ''gusya n'uburo kandi ayo magambo afite icyo avuze mu muco n'amateka by'u Rwanda.

Ku rwego rw'ururimi, imigani migufi igizwe n'amagambo yuje ikeshamvugo rikwiye bityo igakungahaza ururimi mu rwego rw'inyunguramagambo n'imikoreshereze iboneye y'ururimi. Kwigisha imigani rero ni no gukungahaza ururimi rw'Ikinyarwanda nk'uko abenshi mu banyeshuri n'abarimu twabajije babiduhamirije. (SI&TI)

Imigani migufi kandi yerekana ikiza gikwiye gukorwa n'ikibi gikwiye kwirindwa, ari zo ndangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda twibanzeho mu bushakashatsi bwacu.

Kuri iyi ngingo, abanyeshuri 20 bangana na 86% byabo twabajije ndetse n'abarimu 8 bangana na 95% by'abo twabajije batugaragarije ko imigani migufi ibumbatiye indangagaciro na kirazira nyinshi zafasha Abanyarwanda kubaho uko bikwiye bityo ikaba ikwiye gusigasirwa no kwigishwa ku buryo bukwiye. (SI3& TI4).

Ntitwatakobwa kandi kuvuga ko imigani migufi ifasha abanyeshuri gutekereza byimbitse kandi bukaba ari bumwe mu bushobozi isomo ry'Ikinyarwanda rigomba kwibandaho nk'uko integanyanyigisho ibiteganya. Kuri iyi ngingo, benshi mu banyeshuri twabajije badutangarije ko iyo biga imigani migufi bibasaba kwagura imitekerereze no gukora ubushakashatsi kugira ngo bagere ku gisobanuro nyacyo cy'umugani mugufi.

Mu gusoza iyi ngingo, turahamya ko imigani migufi ifitiye Abanyarwanda akamaro kanini cyane kuko yubakiye ku buzima n'umuco byabo.

## 4.4. Uburyo abarimu bigisha imigani migufi bayihuza n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

Mu bushakashatsi bwacu, twari tugamije no gusobanura uko abarimu bigisha imigani migufi bayihuza n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Amakuru atandukanye baduhaye agaragaza ko imigani migufi itigishwa kimwe mu mashuri. Ibyo ariko nta kibazo kirimo kuko

ubusanzwe mu myigishirize, nta buryo bumwe bubaho bwakurikizwa na bose mu kwigisha. Ik'ingezi aha ni ukugera ku ntego y'isomo ryigishijwe.

Ku ruhande rumwe, abarimu 5 bangana na (60%) byabo twabajije, batugaragarije ko iyo umwarimu yigisha imigani migufi, yandika iyo migani ku kibaho, agasaba abanyeshuri kuyisobanura mu matsinda, nyuma yo kumurika ibyavuye mu matsinda akagorora ibisobanuro byatanzwe n'abanyeshuri,

Akerekana uburyo bubirin basesenguramo umugani ari bwo uburyo busanzwe n'uburyo bw'isesengurankomoko. Mu buryo busanzwe umwarimu asesengura amagambo agize umugani muri kamere yayo, akaba ari na yo mpamvu ubwo buryo bwitwa na none uburyo bwa kamere. Mun buryom bw'isesengurankomoko, umwarimu arenga kamere y'amagambo agize umugani ahubwo akita ku mvugo ijimije cyangwa ishushanya gacamugani yakoresheje. Umwarimu atanga izindi ngero z'imigani, agasaba abanyeshuri kuyisesengura muri buriya buryo bubiri, agasoza isomo ashishikariza abanyeshuri kuyikoresha mu buzima bwabo bwa buri munsi. (TI3).

Ku rundi ruhande, abarimu 4 bangana na 40% by'abarimu twabajije bagaragaje ko mu kwigisha imigani, bashingira ku nkuru cyangwa ku myandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma inkuru cyangwa umwandiko, bagatahura imigani migufi irimo, umwarimu akayandika ku kibaho, agatanga urugero rw'uko umugani mugufi usesengurwa muri bwa buryo bubiri twavuze ndetse n'inyigisho utanga, nyuma agasaba abanyeshuri gutanga indi migani igaragaza indangagaciro na kirazira umwarimu yabahaye, agasoza isomo abashishikariza kuzajya bayikoresha mu buzima bwabo bwa buri munsi(TI3).

Kuri iyi ngingo y'imyigishirize y'imigani migufi, biragaragara ko abarimu bayigisha kandi abanyeshuri bakayigiraho amasomo atandukanye. Ibyo ni byiza cyane kandi bikwiye gushyigikirwa. Nyamara, inyigo yacu yibanze cyane ku gusobanura uburyo abarimu basanzwe bigisha imigani migufi bayihuza n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Birashoboka rero ko abazadukorera mu ngata mu bushakashatsi buzakurikira, bazita cyane ku gusobanura uburyo imigani migufi yakwigishwa bayihuza n'izindi nyigisho.

## 4.5. Imbogamizi zigaragara mu kwiga no kwigisha imigani migufi mu mashuri yisumbuye.

### *4.5.1. Imbogamizi ku banyeshuri*

Kutagira inkoranyamagambo zihariye zifasha mu gusobanukirwa n'inyunguramagambo zo mu migani migufi akenshi zigoye kuzisobanukirwa. Ibi bituma abanyeshuri bafata mu mutwe imigani migufi ariko mu by'ukuri batayisobanukiwe.

Imyandiko imwe n'imwe ishingiye ku nsanganyamatsiko runaka zigishwa mu mashuri ntigaragaramo imigani migufi ijyanye n'izo nsanganyamatsiko.

Kuba imigani imwe n'imwe ibazwa mu masuzuma kandi itarigishijwe bityo abanyeshuri bakayitsindwa.

Kuba hakiri imigani imwe n'imwe itesha agaciro ikiremwa muntu. Aha twatanga ingero z'imwe muri iyo migani: Umugore si amabere n'ihene igira abiri, umugore w'ingare agirwa n'umugongo w'umuhoro, umugabo w'inganzwa agirwa n'umugomagiro w'intango, utazi ikimuhatse areba imboro ya se igitsure, ubugabo si ubutumbi. Kuri uyu mugani wa nyuma hari n'abatebya by'agakabyo, bakagira bati:''ubugabo si ubwuzuye mu ipantaro''.

Ubumenyi budahagije kuri bamwe mu barimu bigisha Ikinyarwanda ku buryo hari n'abasimbuka amasomo ajyanye n'imigani migufi kubera kutamenya kuyisobanura ngo bacukumbure indangagacirom na kirazira ibumbatiye.

### *4.5.2. Imbogamizi ku barimu*

Ku bijyanye n'imbogamizi abarimu bahura na zo mu kwigisha imigani migufi, abenshi muri bo batugaragarije izi zikurikira: Ubumenyi buke bw'ururimi ku banyeshuri, ababyeyi badafasha abana kumenya imigani migufi no kuyikoresha mu buzima bwabo bwa buri munsi, bagategereza ko abana bazayigira ku ishuri gusa. Kutagira ibitabo by'inkoranyamagambo byakwifashishwa mu gushaka ibisobanuro by'inyunguramagambo zo mu migani migufi. Kuba imiganin imwe n'imwe itakijyanye n'igihe tugezemo. Ibikoresho gakondo bimwe na bimwe bivugwa mu migani

migufi bitakiboneka bityo gusobanurira abanyeshuri bikagorana. Igihe gito cyagenewe kwigisha imigani migufi kandi igomba gusesengurwa, abanyeshuri bakayigiraho amasomo atandukanye. Igihe gito cyo kwigisha imigani migufi kandi igomba gusesengurwa ikigirwaho amasomo atandukanye aho kuyifatisha abanyeshuri mu mutwe gusa. Kudaha agaciro ururimi rw'Ikinyarwanda nk'uko izindi ndimi zigahabwa. Icyuho mu buhanzi bw'imigani migufi ijyanye n'iterambere y'Igihugu.

### 4.6. Uburyo imbogamizi mu kwiga no kwigisha imigani migufi zakemuka

Abarimu n'abanyeshuri ntibagarukiye gusa ku kugaragaza imbogamizi bahura na zo mu myigire n'imyigishirize y'imigani migufi, banagerageje kugaragaza uburyo babona izo mbogamizi zakemuka. Mu by'ibanze, batugaragarije ko gutanga ibitabo by'inkoranyamagambo cyanecyane ayigisha Ikinyarwanga nk'isomo ry'ingenzi byafasha mu gukemura ikibazo k'inyunguramagambo zihanitse zo mu migani migufi. Gushishikariza abanditsi b'ibitabo by'Ikinyarwanda kuyikoresha cyane mu bwanditsi bwabo kuko ibumbatiye inyigisho zitandukanye zijyanye n'umuco nyarwanda. Guhugura abarimu bigisha Ikinyarwanda ku myigishirize y'imigani migufi bayihuza n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

Kwifashisha imfashanyigisho zitandukanye mu gihe bari kwigisha imigani migufi. Guha akazi abarimu bize Ikinyarwanda no kukigisha mu rwego rwo gutanga ireme ry'imyigishirize yacyo. Kuvugurura uburyo imigani migufi ibazwa mu masuzuma no mu bizamini bitandukanye. Gushishikariza ababyeyi kwigisha abana babo imigani migufi no kuyikoresha mu buzima bwabo bwa buri munsi. Gushishikariza abantu guhanga imigani migufi ijyane n'aho iterambere ry' Igihugu rigeze. Kongera igihe cyo kwiga imigani migufi mu ishuri no mu itorero, Gushishikariza abanyeshuri umuco wo gusoma ibitabo by'Ikinyarwanda mu rwego rwo gusigasira ururimi rwabo.

## UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO RUSANGE N'IBYIFUZO

### 5.1. Umusaruro w'ubushakashatsi

Ubushakashatsi bwacu bufite umutwe ugira uti: "Uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda: Urugero rw'amashuri amwe yo mu Karere ka Muhanga" bwari bufite intego eshatu zihariye ari zo: (1) Kwerekana imigani migufi yigisha indangagaciro z'umuco nyarwanda yigishwa mu mashuri yisumbuye mu Rwanda. (2) Kugaragaza imigani migufi yigisha kirazira z'umuco nyarwanda yigishwa mu mashuri yisumbuye mu Rwanda. (3) Gusobanura uburyo bukoreshwa mu kwiga no kwigisha imigani migufi mu mashuri yisumbuye mu Rwanda.

Ku byerekeranye n'intego ya mbere, ubu bushakashatsi bwerekanye imwe mu migani migufi yigisha indangagaciro z'umuco nyarwanda yigishwa mu ma shuri, bufatiye ku migani igaragara mu bitabo byifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye mu Rwanda. Twanasesenguye kandi iyo migani tugaragaza indangagaciro yigisha.

Ku bijyanye n'intego ya kabiri, ubu bushakashatsi bwagaragaje imwe mu migani yigisha kirazira z'umuco nyarwanda bufatiye ku migani yatanzwe n'abakeshwamakuru kandi igaragagara mu bitabo by'imfashanyigisho z'Ikinyarwanda. Aha na none twasesenguye iyo migani tugaragaza za kirazira yigisha.

Ku bijyanye n'intego ya gatatu, ubu bushakashatsi bwasobanuye uburyo butandukanye bukoreshwa n'abarimu mu kwigisha imigani migufi bufatiye ku makuru y'abarimu babajijwe mu gihe k'ikusanyamakuru. Abarimu bagaragaje uburyo bubiri ari bwo: Uburyo buhera ku ngero z'imigani, igasesengurwa, ikabyazwa isomo ry'ubuzima (indangagaciro, kirazira n'andi masomo). Muri ubu buryo, umwarimu atanga ingero z'imigani hanyuma abanyeshuri bakayisesengura.

Uburyo bwa kabiri ni uburyo bushingira ku mwandiko cyangwa inkuru, ikavanwamo imigani isesengurwa, ikabyazwa isomo ry'ubuzima (indangagaciro, kirazira n'andi masomo). Muri ubu buryo, abanyeshuri basoma inkuru cyangwa umwandiko, bagatahura imigani irimo, hanyuma umwarimu agatanga urugero rw'uko isesengurwa, nyuma agafatanya n'abanyeshuri gushaka isomo ry'ubuzima (indangagaciro, kirazira n'andi masomo). Icyo ubu buryo bwose buhuriraho ni

isesengura ry’umugani hitawe ku magambo uwugize (uburyo bwa kamere y’umugani), hanitawe ku cyo ugenura (uburyo bw’imvugo y’amarenga)

## 5.2. Ibyifuzo

Muri ubu bushakashatsi bwacu, hari ibifuzo birebana n’inzego zitandukanye mu rwego rwo kubungabunga no kwigisha neza imigani migufi nk’isoko y’iyigandangagaciro n’iyigandekakibi mu muryango nyarwanda muri rusange no mu mashuri by’umwihariko.

### *5.2.1. Ibyifuzo ku babyeyi n’abarezi*

Abakeshwamakuru bifuje ko ababyeyi mu muryango bakwigisha abana babo imigani migufi mu rwego rwo kubatoza kuyikoresha hakiri kare, bagaragaza indangagaciro na kirazira ziyikubiyemo. Abarezi ku ishuri na bo barasabwa guha agaciro imigani migufi no kuyishingiraho igihe bigisha abanyeshuri gukora ikiza no kureka ikibi. Abarezi barasabwa na none gusesengura imigani bakayibyaza amasomo atandukanye ibumbatiye aho kuyifatisha mu mutwe abanyeshuri.

### *5.2.2. Ibyifuzo ku buyobozi bw’ibigo by’amashuri*

Ku byerekeranye n’ubuyobozi bw’ibigo by’amashuri, abanyeshuri n’abarezi bifuje ko ubuyobozi bwaha agaciro ururimi rw’Ikinyarwanda ku buryo bufatika, bukirinda kubuza abanyeshuri kugikoresha ku ishuri kuko byangiza ubumwe n’umuco by’abebegihugu Hifujwe na none ko abayobozi b’ibigo by’amashuri bakwirinda guha abarimu kwigisha isomo ry’Ikinyarwanda batarakize kuko byangiza ireme ryacyo, bigatuma abanyeshuri batakivomamo indangagaciro na kirazira by’umuco nyarwanda. Ubuyobozi kandi burasabwa gutegura no gukoresha amarushanwa y’Ikinyarwanda, mu Kinyarwanda, kugira ngo abanyeshuri barusheho kugikunda no kugiha agaciro aho kwibanda gusa ku ndimi z’amahanga.

### *5.2.3. Ibyifuzo kuri Kaminuza y’u Rwanda*

Turifuza ko Kaminuza y’u Rwanda yakomeza gushishikariza abayigamo, cyanecyane abiga Ikinyarwanda gukomeza gukora ubushakashatsi ku Kinyarwanda no mu Kinyarwanda kugira ngo bakomeze gukungahaza uwo murage gakondo uhuza Abanyarwanda twese. By’umwihariko, ku birebana n’imigani migufi, turifuza ko hakorwa ubushakashatsi bwimbitse ku migani migufi itajyanye n’igihe kandi ibangamiye Poritiki zitandukanye z’Igihugu, hagafatwa ingamba zo

kuyikura ku rutonde rw'igomba kwigishwa ari ko na none ikabungwabungwa mu rwego rwo kurinda umuco n'amateka by'Igihugu.

### *5.2.4. Ibyifuzo ku Kigo k'Igihugu Gishinzwe Uburezi bw'Ibanze*

Nk'uko biri mu nshingano zacyo, turifuza ko iki kigo cyatanga imfashanyigisho z'ibitabo by'Ikinyarwanda harimo n'inkoranyamagambo mu rwego rwo gufasha abarimu n'abanyeshuri mu myigire inoze y'Ikinyarwanda n'imigani migufi by'umwihariko. Turifuza na none ko iki kigo cyashaka abarimu bigisha Ikinyarwanda babyize kugira ngo himakazwe ireme ryacyo nk'ururimi rw'Igihugu n'ururimi rw'umuco. Turifuza kandi ko iki kigo cyatanga amahugurwa y'Ikinyarwanda ku barimu b'ibyiciro byose mu rwego rwo kunoza imyigishirize yacyo.

### *5.2.5. Ibyifuzo kuri Minisiteri y'Uburezi*

Nk'urwego rukuriye uburezi mu Gihugu, turifuza ko iyi Minisiteri yakongera inkunga mu myigire n'imyigishirize y'indimi cyanecyane Ikinyarwanda mu byiciro byose by'amashuri.

**INDANGASOKO**


Bigirumwami, A. (1976). *Imigani migufi ivugwa ku Ngoma*, Nyundo, Diocese de Nyundo, 2004.

Bigirumwami, A. (1974). *Imihango, imigenzo n'imiziririzo*, Nyundo, Diocese de Nyundo, 2004.

Bigirumwami, A. (1971). *Imigani miremire*, Nyundo, Diocese de Nyundo,2004.

Bryman, A. (2008). *Social research methods (3rd edition).* Oxford: Oxford University Press.

Crepeau, P. (1985). *Parole et Sagesse:Valeurs sociales dans les proverbes du Rwanda.* Musée Nationale de l'homme, Ottawa, Canada(Canadian)

Crepeau, P, Bizimana, S. (1979). Les Proverbes du Rwanda.Tervuren: Musée Royal de l'Afrique Centrale.

Kagame, A. (1975). *Un Abrégé de l'histoire du Rwanda,1853-1972*, Butare, Editions universitaires du Rwanda.

Kagame, A. (1953). *Imigani migufi*, Butare, Diocese Kabgayi.

Kagame , A.(1943).*Inganji Kalinga 1*,Butare,1ère édition, Diocese Kabgayi.

Kayigana, K. (2007). *Imigani y'imigenurano n'inshoberamahanga bisobanuye*.Kigali,Palloti Presse.

Kimenyi, T, Hakorimana, J de la Paix, (2016), *Ikinyarwanda*, *Amashuri yisumbuye ,Igitabo cy'umunyeshuri 4 (LFK)*, Kigali, Fountain Publisher.

Kimenyi, T, Hakorimana, J de la Paix, (2016), *Ikinyarwanda*, *Amashuri yisumbuye*, *Igitabo cy'umunyeshuri 5(LFK)*,Kigali, Fountain Publisher.

Murihano, B.(1978).*Ibirari by'insigamigani*.MINEPRISEC,Kigali,Palloti Presse.

Murera, J.M.V et all (2017).*Ikinyarwanda,Amashuri yisumbuye,Igitabo cy'umunyeshuri 6 (LFK)*, Kigali,Drakkar Ltd.

Nkejabahizi J,C.(2018b) *Isesenguranyandiko n'ijoranganzo,*Editions of University of Rwanda.

Nkusi, L. (1976), *Les Proverbes du Rwanda-Une approche ethno linguistique,* Paris,Ecoles des hautes études en sciences sociales,Université de Paris.

Nsanzabera, J de Dieu, (2021), *Umuco mu buvanganzo*, Kigali,2ème édition, Indoha Publishing House.

Pagès, A.(1948). Les Proverbes *du Ruanda*, Aequatoria, Honore Vinck.

19. Pauwels, M.(1953) *Le Munyarwanda et ses Proverbes*,Grands Lacs.

20.REB (2019).*Ikinyarwanda, Amashuri Nderabarezi,Igitabo cy'umunyeshuri Y1 (LE&ECLPE)*, Kigali –Rwanda.

21.REB (2019) *Ikinyarwanda, Amashuri Nderabarezi, Igitabo cy'umunyeshuri Y2 (LE&ECLPE),* Kigali –Rwanda.

22. REB (2019) *Ikinyarwanda, Amashuri Nderabarezi,Igitabo cy'umunyeshuri Y3(LE&ECLPE)*, Kigali –Rwanda.

23.REB (2020) *Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, Amashuri NderabareziY1*,2,3(LE&ECLPE), Kigali-Rwanda.

24.Komisiyo y'Igihugu y'Itorero(2014), I*nyoborabatoza*,Kigali.

25.Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2014*),Imfashanyigisho yo gutoza indangagaciro yo gukunda Igihugu*.Kigali,Ubutore Development Centre.

26. Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2014*),Imfashanyigisho yo gutoza indangagaciro y'Ubunyarwanda* .Kigali, Ubutore Development Centre.

27.Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2014), *Imfashanyigisho yo gutoza indangagaciro y'Ubutwari*, Kigali, Ubutore Development Centre.

28.Komisiyo y'Igihuguy'Itorero (2014*), Imfashanyigisho yo gutoza indangagaciro y'Ubunyangamugayo.* Kigali, Ubutorec Development Centre.

29.Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2014*), Imfashanyigisho yo gutoza indangagaciro yo kwihesha agaciro*. Kigali, Ubutore Development Centre.

30.Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2014*). Imfashanyigisho yo gutoza indangagaciro yo gukunda umurimo no kuwunoza*. Kigali, Ubutore Development Centre.

31.Association INTEKO IZIRIKANA, (2001), *Inyandiko ku muco,* Kigali.

32.CHENO, (2018), *Umuco w'ubutwari mu Rwanda*, Kigali.

33.MINISPOC, (1997), *Poritiki ndangamuco mu Rwanda*, Kigali.

34.NURC, (2017), *Ibiganiro mpaka ku muco w'amahoro, ubumwe n'ubwiyunge mu mashuri abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga*, Kigali, MANIFER Ltd.

35.NURC, (2007, *Poritiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge*, Kigali, MANIFER Ltd.

36. NURC, (2015), *Inyoborabiganiro kuri Ndi umunyarwanda.* Kigali, MANIFER Ltd.

## IMIGEREKA

## Umugereka wa mbere: Research ethical clearance for the study

UNIVERSITY of RWANDA

COLLEGE OF EDUCATION

RESEARCH AND INNOVATION OFFICE

Rukara, 3rd July, 2024
Ref: DRI-CE/034(a)/ EN/gi/2024

**Mr Theogene MISIGARO**
**Reg No: 220018139**
Master Student
Master of Education in Kinyarwanda Education
School of Education
UR-CE

Dear Mr Misigaro,

**RE: RESEARCH ETHICAL CLEARANCE FOR YOUR STUDY**

Following your application for research clearance for your study entitled: **"Uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye mu Rwanda, Akarere ka Muhanga;"**

Having reviewed your application and being satisfied with your protocol (research topic, interview schedule, and informed consent): your study is ethically acceptable. This ethical clearance shall last 18 months and is renewable upon your request and presentation of the progress report to the UR-CE Research Screening and Ethics Clearance Committee (RSEC-C) through the Research and Innovation Unit. Please note that you must apply for ethical clearance before making changes in the protocol during the implementation phase. The Research and Innovation Unit shall receive a final copy of your study report at the end of your study.

We wish you success in your study.

COLLEGE OF EDUCATION
UNIVERSITY of RWANDA
RESEARCH AND INNOVATION UNIT

**Assoc. Prof. Eugene NDABAGA**
Chairperson, UR-CE RSEC-C
Director of Research and Innovation Unit
Tel.: 250788308862
Email: ndabagav@yahoo.ie
UR-College of Education
**Cc:**

- The Principal, CE
- Dean, School of Education
- Dr Innocent Twagilimana, Supervisor

EMAIL: dri.ce@ur.ac.rw P.O. Box 55 Rwamagana WEBSITE: www.ur.ac.rw

## Umugereka wa kabiri: Research recommendation letter for the study

UNIVERSITY of RWANDA

COLLEGE OF EDUCATION

RESEARCH AND INNOVATION UNIT

Rukara, 3rd July 2024
Ref: DRI-CE/034(b)/EN/gi/2024

The Mayor
Muhanga District
Southern Province
Rwanda

**RE: A Research recommendation letter for Mr Theogene MISIGARO (Reg No: 220018139)**

I am pleased to introduce **Mr Theogene Misigaro:** our student enrolled in the Master of Education in Kinyarwanda Education at the School of Education of UR-CE. He is conducting research entitled: **"Uruhare rw' imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira by' umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye mu Rwanda, Akarere ka Muhanga."** The research participants for this study are students and teachers of Kinyarwanda as a core subject from GS Shyowe (Shyogwe Sector), TTC Muhanga (Shyogwe Sector), GS Gitarama (Nyamabuye Sector) of Muhanga District.

Thus, we kindly request his permission to collect data from the identified secondary schools of the Muhanga district.

Your support to him in conducting this study is highly appreciated.

COLLEGE OF EDUCATION
UNIVERSITY of RWANDA
RESEARCH AND INNOVATION UNIT

**Assoc. Prof. Eugene NDABAGA**

Director of Research and Innovation
University of Rwanda-College of Education
E-mail: ndabagavi@yahoo.ie
Mobile: +250788308862

**Cc:**

- Principal, UR-CE
- Dean, School of Education
- Dr Innocent Twagilimana (Supervisor)

EMAIL: dri.ce@ur.ac.rw P.O. Box 55 Rwamagana WEBSITE: www.ur.ac.rw

## Umugereka wa gatatu: Ibaruwa isaba gukora ubushakashatsi

MISIGARO Theogene

Umurenge wa Shyogwe

TTC MUHANGA

Tel:0788793381/0722793381

Email:misigarotheogene125@gmail.

Shyogwe, ku wa 4 Nyakanga 2024

Madamu umuyobozi w'Akarere ka Muhanga

Intara y'Amajyepfo.

**IMPAMVU**: Gusaba uburenganzira bwo gukusanya

Amakuru y'ubushakashatsi **(Data Collection)**

Madamu muyobozi,

Nejejwe no kubandikira nsaba uburenganzira bwo gukusanya amakuru y'ubushakashatsi muri bimwe mu bigo by'amashuri yisumbuye byo mu Karere mubereye umuyobozi.

Mu by'ukuri Madamu muyobozi, ndi umunyeshuri urangiza Ikiciro cya Gatatu cya Kaminuza, muri Kaminuza y'u Rwanda,Ishami ry'Uburezi, mu mpuzo y'Iyigandero n'Ikinyarwanda (**Master of Education in Kinyarwanda Education**) . Mu rwego rwo gusoza icyo kiciro nk'uko biteganywa, nkaba narifuje gukora ubushakashatsi bufite umutwe ugira uti:**''Uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye mu Rwanda, Akarere ka Muhanga''** .Ubwo bushakashatsi nkazabukora mu rwego rw'uburezi mu kwezi kwa Nyakanga 2024,aho nzakenera abarimu n'abanyeshuri nk'abakeshwamakuru **(sampled population)** mu bigo by'amashuri yisumbuye bikurikira:Urwunge rw'Amashuri rwa Shyogwe,Ishuri Nderabarezi rya Muhanga mu Murenge wa Shyogwe n'Urwunge rw'Amashuri rwa Gitarama mu Murenge wa Nyamabuye**.**

Nkaba mbandikiye nsaba uburenganzira bwo gukusanya amakuru mu rwego rwo kunoza uwo murimo w'ubushakashatsi kugira ngo buzabe bwizewe kandi buzagirire akamaro Igihugu.

Mu gihengitegereje igisubizo cyanyu kiza, mbashimiye ubufatanye mu guteza imbere 'ireme ry'uburezi.

**Bimenyeshejwe:**

Umuyobozi w'uburezi mu Karere ka Muhanga

MISIGARO Theogene. -

## Umugereka wa kane: Ibaruwa yemerera gukora ubushakashatsi

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Muhanga ku wa 24/07/2024
N°. 3327/07.0207

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA MUHANGA
B.P.53 MUHANGA
E-mail: info@muhanga.gov.rw

MISIGARO Theogene
Akarere ka Muhanga
Umurenge wa Shyogwe
TTC MUHANGA
Tel : 0788793381/0722793381
Email : misigarotheogene125@gmail.com

**Impamvu : Igizubizo cy'ibaruwa yawe**

Bwana MISIGARO,

1. Nshingiye ku ibaruwa yo kuwa 04/07/2024 wandikiye Akarere ka Muhanga usaba uburenganizira bwo gukusanya amakuru y'ubushakashatsi « Data Collection » mu bigo by'amashuri aribyo : Urwunge rw'amashuri rwa Shyogwe, Ishuri Nderabarezi rya Muhanga n'Urwunge rw'amashuri rwa Gitarama mu Murenge wa Nyamabuye ;
2. Nkwandikiye iyi baruwa ngirango nkumenyeshe ko uhawe uburenganzira bwo kwegeranya amakuru mu mashuri yavuzwe haruguru ;
   Nkaba ngusaba kandi ko igihe uzaba urangije ubu bushakashatsi uzagenera Akarere inyandiko itari umwimerere « copy » y'ibyavuye muri ubu bushakashatsi.

Ugire amahoro.

**KAYITARE Jacqueline**

**Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga**

**Bimenyeshejwe :**

- Bwana Perezida w'agateganyo w'Inama Njyanama y'Akarere ka Muhanga
- Bwana Umuyobozi w'Akarere wungirije................................(bombi)
- Madamu Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Shyogwe na Nyamabuye
- Madamu/Bwana Umuyobozi wa GS Shyogwe, TTC Muhanga na GS Gitarama

IMBANGUKIRAMIHIGO RESTRICTED DUKORE BYINSHI, BYIZA KANDI VUBA

## Umugereka wa gatanu: Informed consent: Part I: Participant' Information Sheet

Date: 20 June, 2024 Dear Tutors, Teachers and Students,

My Name is **MISIGARO Theogene**, a student at the University of Rwanda, College of Education. I am pursuing a Masters of Education in Kinyarwanda Education and I am currently conducting a research entitled: "***Uruhare rw'imigani migufi mu kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda mu mashuri yisumbuye mu Rwanda: Urugero rw'amashuri amwe yo mu Karere ka Muhanga*** " (The contribution of Rwandan proverbs in Teaching and Learning Rwandan values and tabous in Advanced Level Secondary Schools, Case study of Muhanga District).

You have been selected on a systematic sampling method. Hence, I invite you to take part in this research. The aim of this research is to investigate the contribution of Rwandan proverbs in Teaching and Learning Rwandan values and tabous in A'level Secondary schools represented by GS Shyogwe, TTC Muhanga, and GS Gitarama . This study will identify the Rwandan values and tabous taught and learnt from proverbs in the schools that have Kinyarwanda as major subjects. It will also analyze the methodology used to teach and to learn those Rwandan values and tabous. It will finally give recommendations on how properly Rwandan proverbs may be education based to values and tabous in the context of Rwandan culture.

You are kindly requested to participate in this study by answering some questions related to the research questions. Feel free to express your ideas as you want. I ensure you that the provided responses will remain private and will not be shared with anybody anywhere. The findings of this study will not identify any name of school, student or lecturer. Therefore, by filling this form, you are approving to take part in this research. Moreover, you are free to change your mind about your participation at any time, and to withdraw even after having consented to participate without penalty. Please, sign this informed consent, if you agree to participate in this study.

I am very grateful and thank you for your participation!

## Umugereka wa 6: Informed consent: Part II: Consent Form

I, ………………………………………………………, do hereby confirm that I have been informed by the researcher, ………………………………………………………, about the nature and aims of his study on ……………………………………………………………......

……………………………………………………………………………….... . I have received, read and understood the information provided by the researcher regarding this study. I have had sufficient opportunities to ask for questions/explanations about the study. I am aware that all the information I give will be treated confidentially and processed anonymously in this study and in its final report.

I have also understood that I may, at any time, withdraw my consent and participation from this study without any consequences to the services I receive from my institution now or in the future.

Therefore, I declare that I accept voluntarily to participate in this research with the understanding that strict confidentiality will be observed and assured.

Signature: ………………………………….

Date: ………/………/2024

**Umugereka wa karindwi: Ibibazo by'ubushakashatsi bigenewe abarimu bigisha ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, amashami y'indimi. (survey questionnaire)**

1.Ku bwawe umugani mugufi ni iki?

2. a. Ese hari imigani migufi wigisha? Yego cyangwa oya.

b. Niba ari yego ni iyihe migani wigish? Uba ugamije iki iyo uyigisha?

c. Niba ari nta yo wigisha, Kubera iki utayigisha?

3.Imigani migufi uyigisha ute? Sobanura uko utanga isomo ryawe ku migani migufi (uko utangira, uko ukomeza n'uko usoza).

4.a. Ese mu kwigisha imigani migufi hari indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda ubonamo? Yego cyangwa oya.

b. Niba ari yego, vuga nibura indangagaciro 5 na kirazira 5 z'umuco nyarwanda ubona mu kwigisha imigani migufi.

5.Ni gute mu kwigisha imigani migufi uzanamo indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda?

6.Ni izihe mfashanyigisho ukoresha zigufasha mu kwigisha indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda?

b. Kubera iki ari zo ukoresha?

c. Vuga uko uzikoresha igihe wigisha.

7.Ni gute usuzuma ko abanyeshuri bumvise cyangwa bacengewe n' indangagaciro na kirazira bigishijwe mu migani migufi?

8.Ni izihe mbogamizi uhura na zo iyo wigisha imigani migufi muri rusange?

9.Ni gute ubona imigani yarushaho kwigishwa ku buryo bugaragaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda?

**Umugereka wa munani: Ibibazo by'ubushakashatsi bigenewe abanyeshuri biga ikinyarwanda nk'isomo ry'ingenzi.**

1.Iyo bavuze imigani migufi mwumva iki? Ese hari indi nyito muzi baha iyo migani?

2.Ni iyihe migani migufi mwibuka mwize?

3. Mubona imigani migufi mwize ibamariye iki mu buzima bwanyu bwa buri munsi? Mwayikuyemo ayahe masomo?

4.Uretse ayo masomo, ni izihe ndangagaciro z'umuco nyarwanda mwigiye mu migani migufi?

5. Ni izihe kirazira z'umuco nyarwanda mwigiye mu migani migufi?

6.Izo ndangagaciro na kirazira mu zigaragaza mute mu buzima bwanyu bwa buri munsi?

7.Ni iyihe migani mubona yashingirwaho mu kwiga indangagaciro z'umuco nyarwanda?

8.Ni iyihe migani mubona yashingirwaho mu kwiga kirazira z'umuco nyarwanda?

9.Ni izihe mbogamizi mwahuye na zo mu kwiga imigani migufi muyihuza n'indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda? Mubona zakemuka zite?